# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-29 | TARIKI 2 - 8 NZERI 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw






AMAKURU
Mureke guhunga ibibazo- Perezida Kagame ahanura urubyiruko
2



AMAKURU
U Rwanda rugiye kunguka indege nto zikora 'Taxi'
4



AMAKURU
Miliyari 70 Frw zagenewe kwimura abatuye ahazubakwa urugomero rwa Nyabarongo II
11



MU NTARA
Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yasabye abaturiye Pariki gukomeza kuyibungabunga
14




# Perezida Kagame yavuze uko u Rwanda rusigasira umurage wa Pariki




**Perezida Paul Kagame yagaragarije abari bitabiriye umuhango wo Kwita Izina uko Pariki zisigasirwa**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ubwo yakiraga abashyitsi bagendereye u Rwanda baje mu birori byo Kwita Izina ku nshuro ya***

KOMEZA KU RUP.3

***20, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakomoje ku buryo u Rwanda rusigasira umurage wa Pariki z'Igihugu zirimo n'iy'Ibirunga icumbikiye ibihumbi by'ingagi zo mu misozi zisigaye hake ku Isi.***

Mu ngamba zo gusigasira uwo murage ukurura ba mukerarugendo baturutse mu bice bitandukanye, Perezida Kagame yakomoje ku kugenera abaturiye pariki 10% by'amadovize ava mu bukerarugendo.

Yagize ati: "Mu Rwanda, 10% by'amadovize yinjizwa n'ubukerarugendo ahita ajya mu baturage baturiye pariki zacu. Iyo si inkunga gusa, ahubwo ni agahimbazamusyi kabafasha kurinda no gusigasira umurage dusangiye."

## RDF yashenguwe n'urupfu rwa Lt Gen Kabandana

**KAYITARE Jean Paul**

***Ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda bwifatanyije n'umuryango wa Lt. Gen. Kabandana Innocent witabye Imana azize uburwayi yari amaranye iminsi.***

Ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda (RDF) bwatangaje ko Lt. Gen Kabandana yaguye mu Bitaro Bikuru bya Gisirikare biherereye i Kanombe aho yari arimo kwitabwaho n'abaganga.

Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara ku Cyumweru mu kumwunamira, RDF yagize iti: "Umuryango w'Ingabo z'u Rwanda wihanganishije kandi wifatanyije n'umuryango wagize ibyago muri ibi bihe bikomeye."

KOMEZA KU RUP.3

# Mureke guhunga ibibazo- Perezida Kagame ahanura urubyiruko



**Perezida Paul Kagame yagiriye inama urubyiruko ko rutagomba guhunga ibibazo, ahubwo rugomba gushaka ibisubizo**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yahanuye urubyiruko rw'Afurika arusaba kureka guhunga ibibazo kuko ntaho wajya ku Isi ngo ubure kubihasanga, abasaba kugerageza kubishakira ibisubizo bagatsindwa aho gutsindwa no kugerageza.***

Umukuru w'Igihugu yabigarutseho kuri uyu wa Mbere mu kiganiro yagejeje ku rubyiruko rwitabiriye Inama Mpuzamahanga yiga ku Iterambere ry'Uruhererekane rw'Ibiribwa muri Afurika (AFSF2025).

Yavuze ko mu myaka 15 ishize yigeze kubwira urubyiruko rw'Afurika ko aho kujya mu mahanga rukwiye kuba rushaka ibisubizo by'ibibazo ruhunga, aruteguza ko mu gihe cya vuba abahunze bazirukanwa mu bihugu by'amahanga bagiyemo bakabagarura muri Afurika.

Yashimangiye ko nta na hamwe ku Isi ushobora kugera ngo ntuhasange ibibazo, bityo ubufatanye bw'Abanyafurika ari bwo bukenewe mu gushaka umuti w'ibibazo kuri gakondo aho umuntu aba nta cyikango cyo kuzirukanwa mu gihe runaka.

Ati: "Icyaba cyiza ni uko twakwibanda ku guhangana n'ibibazo byacu aho kubihunga. Rubyiruko, ubutumwa bwanjye bworoshye ni ubu; reka tureke guhunga ibibazo kubera ko n'iyo wirukankira uzahasanga ibibazo kandi bishobora no kuba byinshi by'umwihariko igihe bazaba bakugaruye aho waturutse."

Uyu muburo watanzwe mu gihe imibare y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku Bimukira (IOM) ugaragaza ko hagati y'umwaka wa 2014 kugeza muri Gashyantare 2025 habarurwaga abaimukira 73,269 batakarije ubuzima mu ngendo zitemewe bagerageza kwambuka ahanini berekeza i Burayi.

Perezida Kagame yasabye urubyiruko kugira intego iyobora urugendo rwabo rwo guharanira iterambere no kwishakamo ibisubizo, ashimangira ko urubyiruko rukwiye kugerageza rugatsindwa aho gutsindwa no kugerageza.

Yavuze ko Guverinoma z'Afurika zifite umukoro wo kwibanda ku korohereza urubyiruko gukoresha imbaraga n'ubumenyi rufite, ariko na rwo arusaba kuticara ngo rusabe gusa ibyo rukeka ko Guverinoma zirugomba rudakuye amaboko mu mifunga ngo inkunga z'abafatanyabikorwa zize kunganira ibyo bakora.

Ati: "Icyo nshaka kubwira urubyiruko ni uko ari bo moteri y'ibikorwa byinshi bya Guverinoma, ariko hakwiye kubaho inshingano bumva nk'urubyiruko, ntihakwiye kubaho gutegereza kugeza igihe hazaba hari ikibazo kivutse maze ngo utegereze ko hari undi muntu uzaza kubafasha. Ahubwo mukwiye kuba muri hanze mushyira imbaraga zanyu mu gushaka ibisubizo mu gihe dushaka inkunga z'ibindi bigo birimo n'ibya Leta kugira ngo bikorane namwe."

Yakomeje agira ati: "Abakiri bato bakwiye kugira intego ibayobora hanyuma muri urwo rugendo hakaba hari izo mbaraga zindi zibafasha, zaba iziva imbere mu gihugu cyangwa hanze."

Yavuze kandi ko guharanira impinduka mu buhinzi n'umutekano w'ibiribwa muri Afurika bikwiye kuva mu magambo gusa ahubwo bigashyirwa mu bikorwa, kandi ngo ni inshingano za buri wese kumva ko igisubizo kiri mu biganza bye, harimo n'urubyiruko.

Ati: "Kuki tudakora ibyo tuzi ko dukwiriye gukora. Dukwiye kuva mu magambo tukajya mu bikorwa. Izo ni inshingano zacu twese. Mukwiye gushyiramo imbaraga mukareba ibyo mukwiriye gukora, n'ingufu z'iterambere… Icyo mbasaba ni ugufata inshingano maze tugatanga umusanzu wacu, hanyuma iyo ibyo wabikoze uba ushobora no kubaza abandi inshingano, ariko ntiwagira icyo ubaza abandi mu gihe na we utarimo gukora ibyo ushinzwe."

Perezida Kagame yasabye urubyiruko rw'Afurika kwirinda guhora bateze amaboko cyangwa gushyira ubuzima bwabo mu biganza by'abandi, kandi Afurika ifite ibisabwa byose ngo ibe yaba ikigega gisagurira n'indi migabane.



**Abayobozi baturutse muri Nigeria basuye u Rwanda bari mu rugendoshuri bashima aho rugeze mu rwego rwingufu**

# Nigeria yashimiye u Rwanda aho rugeze mu rwego rw'ingufu

**NYIRANEZA Judith**

***Itsinda ry'abayobozi bo muri Nigeria rirashima intambwe u Rwanda rukomeje gutera mu kongera ingufu z'amashanyarazi.***

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Jimmy Gasore agaragiwe n'abayobozi bakuru ba Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu REG bayobowe na CEO Armand Zingiro yakiriye itsinda ry'abo ayobozi barenga 30 bo muri Komisiyo ishinzwe ingufu muri Nigeria [ Energy Commission of Nigeria] bari mu Rwanda.

Ni itsinda riyobowe na Minisitiri w'ubumenyi n'ikoranabuhanga mu guhanga udushya muri Nigeria (Minister of Innovation, Science and Technology,) Uche Nnaji, bari mu rugendoshuri.

Ibiganiro byabo byibanze ku bufatanye mu guteza imbere ingufu hagati y'ibihugu byombi byaba u Rwanda ndetse na Nigeria.

Minisitiri Nnaji, yashimye u Rwanda ku ntambwe rumaze gutera mu guteza imbere urwego rw'ingufu.

Yagize ati: "Turashima u Rwanda ku ntambwe ifatika urwego rw'ingufu rugezeho, kandi uru rugendoshuri ni ingenzi cyane mu guteza imbere ingufu mu bihugu byombi."

Yasabye ko hababaho imikoranire ihamye yashingira ku masezerano y'ubufatanye.

Muri iyo nama yahuje abayobozi bashinzwe ingufu kandi bunguranye ibitekerezo kuri Politiki na gahunda irambye yo guteza imbere ingufu mu Rwanda no muri Nigeria.

Abo bayobozi bo muri Nigeria bari mu rugendoshuri rw'iminsi itanu mu Rwanda.

U Rwanda rwagaragaje ko kuri ubu abaturage bagerwaho n'amashanyarazi ari 85% muri miliyoni zirenga 14 zituye u Rwanda mu gihe Nigeria yagaragaje ko yo igeze kuri 66% y'Abanyanigeria bagerwaho n'amashanyarazi mu baturage barenga miliyoni 260 batuye Nigeria.





# Perezida Kagame yavuze uko u Rwanda rusigasira umurage wa Pariki

IBIKURIKIRA URUP.1

Abaturiye za Pariki zitandukanye, by'umwihariko Pariki y'Igihugu y'Ibirunga bishimira ko Igihugu kibagenera 10% by'amafaranga ava mu bikorwa by'ukukerarugendo, agashorwa by'umwihariko mu bikorwa remezo by'inyungu rusange nk'amashuri, imihanda, amavuriro, gushyigikira ibikorwa by'iterambere rya koperative babumbiwemo n'ibindi.

Uko aba baturage bishimira kubona umusaruro w'ubukerarugendo burimo n'ubushingiye kuri Pariki, ni ko bongera imbaraga mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima ruzibarizwamo, ari na rwo rukururira ba mukerarugendo baturutse imihanda yose kuza gusura ibyiza bitatse u Rwanda.

Politiki yo gusangiza amadovize abaturage yatangiye mu mwaka wa 2005 ubwo abazituriye bahabwaga 5% mu kubafasha kubona umusaruro utaziguye wo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima bibakikije.

Mu mwaka wa 2017 icyo gice cy'amadovize cyavuye kuri 5% kigera ku 10% by'inyungu iva mu bukerarugedo buri mwaka, ndetse kugeza mu mwaka wa 2023 icyo gice cyari kimaze kurenga miliyari 1 y'amafaranga y'u Rwanda.

Abaturiye Pariki y'Igihugu y'Ibirunga bahamya bungukiye cyane kuri iyo gahunda cyane ko ari Pariki icumbikiye ingagi zo mu misozi zisurwa n'abantu benshi buri mwaka, ari na ho hashingiye umuhango wo Kwita Izina watangiye guhera mu 2005.

Umuhango wo Kwita Izina ku nshuro ya 20 wabaye ku wa 5 Nzeri 2025, witabirwa n'ibyamamabare mu nzego zitandukanye, impuguke mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, n'abashyitsi mpuzamahanga barimo n'abise amazina abana b'ingagi.

Uwo muhango wanitabiriwe na Madamu Jeannette Kagame, Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva n'abandi bayobozi batandukanye muri Guverinoma no mu nzego z'ibanze.

Muri uwo muhango hiswe amazina abana b'ingagi 40 bavutse mu mwaka wa 2024 n'uwa 2025, kugeza ubu ingangi zibarizwa muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga zikaba zaravuye kuri 880 zabarurwaga mu 2008 zikagera ku 1.063 zibarurwa uyu munsi.

Perezida Kagame wasangiye ibya nimugoroba n'abashyitsi bitabiriye umuhango wo Kwita Izina ku mugoroba wo ku wa Gatandatu tariki ya 6 Nzeri 2025, yabashimiye agira ati: "Nshuti namwe bafatanyabikorwa; u Rwanda ni iwanyu. Muhawe ikaze ibihe byose."

Hagati aho, Raporo y'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) igaragaza ko urwego rw'ubukerarugendo rwinjije miliyari zigera kuri 923 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 647 z'amadolari y'Amerika) mu mwaka wa 2024, akaba yariyongereye ku kigero cya 4.3% ugereranyije n'umwaka wabanje.

Muri uyu mwaka wa 2025, biteganyijwe ko ubukerarugendo buzinjiza nibura miliyoni 700 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga amafaranga asaga miliyari igihumbi.



**Perezida Kagame yasangiye n'abashyitsi bitabiriye umuhango wo Kwita Izina ku mugoroba wo ku wa Gatandatu tariki ya 6 Nzeri 2025**

# RDF yashenguwe n'urupfu rwa Lt Gen Kabandana

IBIKURIKIRA URUP.1

Nyakwigendera Lt. Gen. Kabandana yari umwe mu basore bahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi nyuma yo gutangirana n'abandi basore n'inkumi ba RPA, urugamba rwo kubohora Igihugu mu 1990.

*Yakoze* akazi gatandukanye mu ngabo z'u Rwanda, harimo kuba yarayoboye umutwe wihariye wa Gisirikare ndetse *yanayoboye inzego z'umutekano mu Ntara ya Cabo Delgado muri Mozambique.*




**Nyakwigendera Lt Gen Innocent Kabandana yakoze inshingano zitandukanye mu ngabo z'u Rwanda (RDF)**

Mu myaka ishize, yakoze imirimo inyuranye kuva mu bikorwa byo kurwana, kuyobora, guha imyitozo abasirikare bari mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye hirya no hino ku mugabane wa Afurika.

Yabaye kandi umukozi ushinzwe ibikorwa bya gisirikare muri Ambasade y'u Rwanda i Washington DC.

Nyakwigendera yabaye umuyobozi ushinzwe imibanire y'ingabo n'abasivili muri Brigade, Umuyobozi Mukuru w'amasomo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako, ndetse n'Umuyobozi wungirije ushinzwe abakozi b'ingabo muri Loni muri Sudani y'Epfo.

Yanabaye kandi Perezida w'Inama ishinzwe amasoko ya gisirikare, Umuyobozi Mukuru w'ibikoresho (Chief of Logistics) ku cyicaro gikuru cya RDF; Komanda w'Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako, ndetse n'Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Peace Academy.

# U Rwanda rugiye kunguka indege nto zikora 'Taxi'



Indege nto zitagira abapilote zikora tagisi zizaba ziri i Kigali mu bihe biri imbere

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu minsi iri imbere mu kirere cy'Umujyi wa Kigali hazaba hagaragara indege nto zitwara abagenzi mu buryo bwa rusange buzwi nka taxi, mu kurushaho kwimika ubwikorezi bw'abantu n'ibintu bwo mu kirere bwifashisha indege nto zitwara mu mijyi buzwi nka Urban Air Mobility (UAM).***

Ni ubwikorezi bugiye kuzanwa bwa mbere muri Afurika n'Ikigo cy'Abashinwa cyitwa EHang, kimaze kuba ubukombe ku rwego mpuzamahanga mu ikoranabuhanga rigezweho mu by'indege no gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange.

Iyo gahunda igiye gutangirizwa mu Nama Nyafurika ya 9 yiga ku guteza imbere Ubwikorezi bwo mu Kirere iteranira i Kigali ku wa 4-5 Nzeri 2025, ikaba igiye gushyirwa mu bikorwa ku bufatanye bwa Guverinoma y'u Rwanda n'Ikigo cy'Abashinwa Kizobereye Gukora Imihanda n'Ibiraro (CRBC).

Bivugwa ko Isosiyete Mpuzamahanga ya EHang, ifitanye imikoranire na CRBC isanzwe ikorera mu Rwanda no mu bindi bice by'Afurika no ku Isi mu kurushaho kwagura isoko ryayo ku rwego mpuzamahanga, bakaba baramaze gutangiza indege nto za mbere zikoresha amashanyarazi (eVTOL) zo mu bwoko bwa EH216-S.

Gutangiza umushinga w'indege zikora taxi mu Rwanda, bishimangira umwanya w'u Rwanda wo kuba icyicaro cy'ahageragerezwa hakanatangirizwa ikoranabuhanga mu by'indege.

Guverinoma y'u Rwanda igaragaza ko mu gufatanya na CRBC bizayifasha kubyaza umusaruro ubunararibonye n'ubuhanga bwayo mu bwenjenyeri mu gihe u Rwanda rugamije kubaka uruhererekane rw'Ubwikorezi bwo mu Kirere bugezweho (AAM), rikaba ari ikoranabuhanga rigezweho rifasha kugabanya umuvundo w'ibinyabiziga mu mihanda, bugahuza imiryango kandi bugatanga n'uburyo burambye bw'ubwikorezi.

Kugurutsa bwa mbere iyo ndege ya EH216-S bizaba bigize intambwe ikomeye cyane muri Afurika n'akabarore k'amavugurura n'amabwiriza bikenewe kugira ngo ubu bwikorezi burusheho gushinga imizi muri Afurika.

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Dr. Gasore Jimmy, yagize ati: "U Rwanda rukomeje gushyira imbaraga nyinshi mu kubaka ahazaza hahebuje, aho imijyi izaba irushijeho guhuzwa ndetse n'ubukungu bukaba burushaho gutera imbere binyuze mu bisubizo bishya by'ubwikorezi."

Yakomeje ahamya ko ubufatanye bw'u Rwanda na CRBC butanga umusingi ukomeye wo kuzana ikoranabuhanga rishya n'ubunararibonye.

Ati: "Mu gukorana kuri izo ngendo zo mu kirere z'amateka, ntituri kugaragaza gusa ahazaza h'urwego rw'indege ahubwo turanashimangira ukwiyemeza kwacu mu guteza imbere ikirere cy'ubwikorezi bwo mu kirere butekanye, buteye imbere kandi bugenzurwa kinyamwuga."

HUANG Oifin, Umuyobozi wa CRBC mu Rwanda, na we yavuze ko batewe ishema no gufatanya na Guverinoma y'u Rwanda muri uyu mushinga ushyigikira icyerekezo cy'Igihugu cyo kuba intangarugero mu ikoranabuhanga rigezweho mu rwego rw'indege.

Ati: "Mu kubyaza umusaruro imbaraga dufite mu bwubatsi n'umubano mpuzamahanga, twiteguye gukorana n'u Rwanda mu kurushaho kugenzura amahirwe ari mu bukungu bucyiyubaka maze tugahanga uburyo bushya bw'iterambere ku mugabane."

CRBC ni ikigo gikorera mu bihugu birenga 70 kikaba gitanga serivisi zo kubaka imihanda, ibiraro, ibyambu, imihanda ya gariyamoshi, ibibuga by'indege no kubicunga byose.

# Umushinga wa Nyabarongo II witezweho iterambere rishingiye ku ishoramari

KAYITARE Jean Paul

***Leta y'u Rwanda yatangaje ko umushinga w'urugomero rwa Nyabarongo II uzatanga amashanyarazi Megawati 43.5, witezweho umusaruro w'iterambere rishingiye ku ishoramari.***

Higaniro Theoneste, Umuyobozi ushinzwe imishinga mu kigo Gishinzwe Ingufu (REG), avuga ko ku rugomero rwa Nyabarongo II hazubakwa ikiyaga kinini kizafasha mu bukererarugendo ndetse no mu burobyi.

Yongeraho ko umushinga ari igisubizo mu gutanga amashanyarazi ahagije mu Rwanda.

Ati: "Azafasha mu gihugu hose mu rwego rw'iterambere ndetse no kongera ishoramari kuko iyo tumaze kubona amashanyarazi ku ruganda runaka, tuyohereza mu muyoboro mugari (National grid) icyo gihe akaba yagera mu gihugu hose aho dukeneye kuyakoresha."

Higaniro akomeza avuga ati: "Uturere twose dukora ku kiyaga ariko cyakozwe n'icyuzi cya Nyabarongo II, tuzungukiramo ubuhahirane, kubona amazi n'amashanyarazi byaturutse kuri uru rugomero ndetse n'abaturage bakaba bashobora kurobamo amafi ndetse n'abashaka gushoramo imari mu bworozi bw'amafi."

REG ifatanyije na Minisiteri y'Ibikorwa remezo bakomeje gushaka uburyo bazakora n'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba.

Umushinga w'urugomero rwa Nyabarongo II watanze akazi ku bantu barenga 500 kandi hibanzwe ku batuye mu Turere twa Gakenke na Kamonyi.

Harerimana François wabonye akazi muri uyu mushinga, avuga ko amaze kwiteza imbere.

Ati: "Mu mibereho yanjye hari ikintu cyazamutseho, naguha urugero, hari igihe umuntu aba afite ikibanza gitoya, ukacyongera mu mafaranga umuntu akuyemo hano."

Mutabazi Epimaque na we agira ati: "Inahangaha gukodesha twumvaga bitabaho, abaturage bimukiye hafi bubatsemo inzu abavuye kure baje guhahira inahangaha muri Gakenke, barapagasa amafaranga bakayabona, abakodesha inzu barazibona buri wese asigaye afata ku mafaranga."

Uyu mushinga wa Nyabarongo II ugeze ku kigero cya 52% bikaba biteganyijwe ko uzuzura mu 2028.

Uzuzura utwaye nibura miliyari 300 Frw azakoreshwa ku bikorwa gusa n'andi miliyari 70 Frw azagendera ku kwimura abaturage.



Urugomero rwa Nyabarongo II ruzagira urihare mu kongera umuriro wamashanyarazi

Ni umushinga ukorerwa ku buso bwa hegitari 1 000 mu Turere twa Gakenke mu Ntara y'Amajyaruguru no mu Karere ka Kamonyi mu Ntara y'Amajyepfo.





# Kugenda mu ndege si iby'abakire gusa- Perezida Kagame




Byaba byiza kugenda mu ndege bishyizwe ku biciro byorohereza buri wese

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakebuye abaturage b'Abafurika, yababwiye ko kugenda mu ndege bidakwiye gufatwa n'ibyagenewe abakire gusa, asaba inzego zirebwa n'urwo rwego gushyira hamwe bagakuraho impamvu zituma ingendo zazo zihenda.***

Ni ubutumwa yahaye abayobozi batandukanye bitabiriye inama mpuzamahanga Nyafurika ya 9 izwi nka "Aviation Afurika Summit 2025, igamije guteza imbere indege muri Afurika iteraniye i Kigali kuva tariki ya 4 ikazageza ku ya 5 Nzeri 2025.

Umukuru w'Igihugu yabwiye abitabiriye iyo nama basaga 2 000, barimo abakora mu nganda zikora indege, abayobozi b'ibigo by'indege, abahanga mu bwikorezi bwo mu kirere n'abandi ko hashize imyaka myinshi u Rwanda rumenye ko ubwikorerezi bwo mu kirere ari inkingi y'iterambere.

Yavuze ko sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ubwikorezi bwo mu kirere (RwandAir), ikomeje kwagura ibyerekezo hirya no hino ku Isi.

Ati: "Nubwo bimeze bityo Umugabane wacu, ukomeje guhura n'ibibazo bijyanye n'ikiguzi gihanitse mu bwikorezi bwo mu kirere, n'ibikorwa remezo bihenze. Ibyo bituma ingendo z'abantu no gutwara imizigo bihenda cyane, bitari bikwiye.

Kugenda mu ndege ntibikwiye guharirwa abakire, dukwiye gushyira hamwe biruseho."

Yavuze ko u Rwanda rufatanya na kompanyi ya Zepline gukoresha indege zitagira abapilote (drone) nk'uburyo bwo koroshya kugeza imiti ku bayikeneye.

Ati: "Byafashije gutanga serivisi byihuse kandi birokora ubuzima".

Yavuze ko kubera ko ubwo buryo bwatanze umusaruro, harimo kwigwa uko bwakwagurwa bugashyirwamo ikoranabuhanga rigezweho.

Perezida Kagame yashimangiye ko kuba ku Mugabane wa Afurika haratangiye kugeragezwa indege zitagira abapiloti zishobora gutwara abantu nka taxi, [bwatangirijwe muri Afurika bwa mbere, bukabera mu Rwanda], buzafasha uwo mugabane mu iterambere.

Ati: "Twishimiye kwakira ubwo buryo, dutegereje kureba inyungu zizaza mu gihe kiri imbere."

Yunzemo ati: "Kuri Afurika icyerekezo kirasobanutse, ni ugushora amafaranga menshi, mu rwego rwo gutwara abantu n'ibintu mu kirere, nk'uburyo bwa ngombwa bwo kugera ku iterambere ry'ubukungu."

Yakomeje avuga ko kugira ngo ibihugu bifite ubukungu buringaniye bizamuke mu iterambere no guteza imbere urwego rw'ubukerarugendo muri Afurika, hakoreshejwe guteza imbere ubwikorezi bwo mu kirere.

Ati: "Mu mwaka utaha abagenzi bakenera indege muri Afurika, biteganyijwe ko bazikuba kabiri. Ku mugabane wacu, ingamba zashyizweho kugira ngo bidufungurire amarembo y'ikirere."

Yibukije ko mu gushyigikira iyo politiki, hashyizweho isoko rusange ry'Afurika ryo gutwara abantu n'ibintu mu kirere, uburyo bwo guteza imbere ingendo zo mu kirere buhuriweho bw'Afurika (AfurikAir Transport Market).

Ati: "Isoko rusange ry'Afurika na ryo ni isoko y'ubukungu, kandi u Rwanda na rwo ruzakomeza kuba umufatanyabikorwa waryo."

Yijeje ko u Rwanda ruzakomeza gushyiraho amategeko na politiki bibereye urwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere kandi ko ruzakomeza no kubishishikariza n'ibindi bihugu.

Ati: "Urugero twakuyeho visa ku baturage bose ba Afurika, dushyigikira abagore n'abakobwa, bakiga ibijyanye n'indege, bikaba ari bimwe mu byo dushyize imbere".

Umukuru w'Igihugu yavuze ko kuba kugenda mu ndege bitaharirwa abakire, ibyo biramutse bikozwe neza mu bihugu bitandukanye, byaba umusingi ukomeye w'urwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere n'isoko yo guhanga ibishya.

Perezida Kagame yemenyesheje abitabiriye inama ya Aviation Summit ko Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) n'Ikigo gishinzwe Umutekano wo mu Kirere muri Afurika no ku kirwa cya Madagascar (ASECNA), yombi ikwiye gushyigikirwa kugira ngo ibashe gukora neza kandi igere ku ntego zayo, zirimo gufasha Afurika kugera ku kubona uburyo bwo guhuza ingendo zo mu kirere hagamijwe koroshya imigenderanire.

Umuyobozi Mukuru wa ASECNA, Prosper Zo'o Minto'o na we yasabye abitabiriye iyo nama gushyira hamwe mu gushora imari ahari amahirwe yo guteza imbere ubwikorezi bwo mu kirere.

Ati: "Mureke dushyira hamwe dushyigikire umurongo uhari, dushobora kwigiranaho, kandi dufatanyije dushobora kugera ku ntego twiyemeje.

Dushobora kugera kuri byinshi mu gihe twashyize hamwe kandi ubushobozi turabufite yewe n'umutungo wo kubikora turawufite."

Inama ya 9 yiga ku iterambere ry'indege muri Afurika irimo kubera rimwe n'imurikabikorwa byo muri uru rwego, ikaba ihurije hamwe abaturutse mu bigo bikora ingendo zo mu kirere, ibibuga by'indege, n'ibigo bishinzwe iterambere ry'indege, inganda n'abahanga mu by'indege basaga 2 000, baturutse ku mugabane no hanze yawo.

Perezida Kagame yanasuye imurikabikorwa, rihurije hamwe abamurika basaga 100 bagaragaza umusanzu wabo mu iterambere ry'urwego rw'indege muri Afurika.

# Kigali: Hamuritswe igitabo gifasha abana kumva amateka ya Jenoside

KAYITARE Jean Paul

***Igitabo 'The Unity Quest' cyanditswe na Kayitesi Judence, Umunyarwanda utuye mu Budage, avuga ko cyanditse mu buryo bufasha umwana muto kugisoma agahita yumva, mu buryo bwe kandi bumworoheye, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Kayitesi yabigarutseho ku wa Mbere tariki 01 Nzeri 2025, ubwo yamurikaga ku nshuro ya mbere mu Rwanda igitabo cya gatatu yanditse kivuga ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ubwo yamurikaga igitabo 'Unity Quest' yagize ati: "Ni impano nahawe n'umutima wo guha urubyiruko rwacu, ni inkuru yanditswe mu magambo yoroshye ariko ifite ubutumwa bukomeye, ko ubumwe atari amagambo gusa ahubwo ari uburyo bwo kubaho, kubana, no kubaka ejo hazaza."

Ubwo yandikaga iki gitabo, avuga ko yatekerezaga ku bana baturutse mu mico itandukanye, bicaye hamwe basoma iyi nkuru, bakishimira abo ari bo kandi bakagira amatsiko yo kumenya bagenzi babo.

Agira ati: "Natekerezaga ko bazasobanukirwa ko gukundana, kubahana no gusangira ibyishimo ari wo musingi w'amahoro arambye."

Mu buhamya bwe, Kayitesi avuga ko Jenoside yamutwaye ibintu, abavandimwe n'inshuti.

Ati: "Natemwe mu mutwe ku buryo natakaje ubushobozi bwo kwibuka no kuvuga ariko muri ibyo byose nize agaciro ko kwihangana, kubabarira no guharanira ubumwe."

Avuga ko ataheranwe n'agahinda kuko nyuma y'imyaka yatangiye gusangiza inkuru ye binyuze mu bitabo.

Igitabo cye cya mbere 'A broken life' cyavugaga ubuhamya bwe, urugendo rwo kubaho nyuma y'agahinda n'ibigeragezo.

Intebe y'Inteko Amb Robert Masozera, avuga ko igitabo cya Kayitesi cyahuriranye n'ukwezi kwa Nzeri kuzakorwamo ibikorwa by'ubukangurambaga bwo gusoma no kwandika.

Yagize ati: "Iki gitabo impamvu twagihisemo, gifite umwihariko kuko ni igitabo kivuga ku mateka aremereye ariko akabyandika ku buryo bworoshye kandi ubona bworoheye n'ibyiciro by'abana bato."

Amb Masozera avuga mu gitabo cya Kayitesi, abwira abana amateka Abatutsi babayemo ariko akagaragaza n'imbaraga bakivomamo mu guhitamo amahoro, ubumwe n'ubudaheranwa.

**Ati:** "Nk'Inteko y'Umuco, ni igitabo duha agaciro cyane, uburyo kibungabunga no gusigasira amateka."

Kayitesi Judence yavukiye mu yahoze ari Komini Rutongo, ubu ni mu Murenge wa Jali mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali.



**Kayitesi Judence ashyikiriza Intebe y'Inteko igitabo 'Unity Quest' yanditse**

# Abarenga ibihumbi 11 batsinzwe ibizamini bisoza ayisumbuye


**Abanyeshuri bakoze ibizamini bya Leta bisoza ayisumbuye hatsinzwemo abasaga ibihumbi 11**

KAMALIZA Agnes

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yatangaje ko mu banyeshuri 106.078 bakoze ibizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye mu mwaka w'amashuri 2024/2025 abangana na 11.669 batsinzwe bakaba nta mpamyabumenyi babonye.***

Abo banyeshuri baje biyongera ku bandi 19 552 batsinzwe ibizamini bya Leta mu mwaka ushize wa 2023/2024 nubwo 5 283 muri bo bongeye gukora nk'abakandida bigenga.

Nubwo imibare y'abatagira impamyabumenyi kandi barize ikomeje kwiyongera, MINEDUC ibagira inama gusibira ngo barebe ko bazatsinda ubutaha.

Ubwo hatangazwaga amanota y'ibizamini bya leta bisoza ayisumbuye kuri uyu wa 01 Nzeri 2025, Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yavuze ko abatsinzwe ibizamini bya Leta muri uyu mwaka atari benshi ariko inama yabagira ari ugusibira.

Yagize ati: "Inama nabagira imyanya irahari bashobora gusubira ku ishuri bagasibira bagafashwa kugira ngo na bo bakomeze amashuri yabo."

Yavuze ko hari bamwe mu bajya basibira haba ari abakomereza mu bakandida bigenga cyangwa ku mashuri bigagaho kandi bakongera gukora ibizamini bagatsinda.

Imibare ya MINEDUC igaragaza ko muri uyu mwaka abanyeshuri 11 bagize amanota ari hagati ya 0-10, barindwi bagira hagati ya 10-20, 151 bagira amanota ari hagati ya 20-30, 1 785 bagize ari hagati ya 30-40 mu gihe 8 062 bagize ari hagati ya 40-50.

Ku bijyanye n'uko batsinze mu byiciro, abiga mu mashuri ya tekiniki, imyuga n'ubumenyingiro (TSS), abiyandikishije bari 36.254, hakora 36.141, hakosorwa 36.130, abatsinze muri bo ni 35.393 bari ku kigereranyo cya 98.0%.

Abiyandikishije gukora ibizamini mu mashuri y'ubumenyi rusange bari 61.942, hakora 61 737, hakosorwa 61 683, aho abatsinze ari 51 667 bari ku gipimo cya 83.8%.

Ni mu gihe abiyandikishije gukora ibizamini mu masomo mbonezamwuga, (Professional Education) bari 8 222, hakaba harakoze 8.201, hagakosorwa 8.184, hatsinda 7 349 bari ku gipimo cya 89.8%.

Abanyeshuri 438 bigaga Ubuforomo bose baratsinze, mu gihe 3 829 bigaga mu mashuri nderabarezi (TTC) abatarabashije kugira 50% asabwa ari barindwi.

Mu banyeshuri bigaga icungamutungo abakoze 3 916 muri bo abatsinzwe ni 825.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Ibyari inzozi ku Banyarwanda byatangiye kuba impamo*

Mu mwaka wa 2050, waba wibaza uburyo uzaba urimo? Muri uwo mwaka se utekereza ko byinshi mu byo wamenyereye ubu bizaba byarabaye amateka nk'uko uyu munsi hari abana batazi nyakatsi, ko Abanyarwanda babagaho batambara inkweto, cyangwa kurara ku byatsi?

Mbere yo kugera muri uwo mwaka hari bimwe mu byo Abanyarwanda babonaga kuri za televiziyo cyangwa muri za filime byatangiye kuba impamo, aho mu bihe biri imbere indege nto zitagira abapilote zikora mu buryo bwa tagisi zizaba zitwara abagenzi mu Mujyi wa Kigali.

Uretse n'ibyo, mu mwaka utaha wa 2026 indege nto zitagira abapilote z'ikigo Zipline zisanzwe zitwara amaraso, n'izindi serivisi z'ubuvuzi, zizaba zigeza ku baturage bo mu mijyi ibicuruzwa bahaha mu maguriro atandukanye.

Ibyo ntibizaba bikigoranye kuko bitazaba bigisaba kwigira guhaha ahubwo ukoresheje telefoni cyangwa mudasobwa, ibicuruzwa ushaka bizajya bikugereraho ku gihe.

Muri ibyo bicuruzwa byahashwe bishobora kuzaba birimo ibiribwa cyangwa imiti igurwa muri za farumasi, aho mu minota mike cyane umuturage azajya abona ibyo yasabye bimugezeho ku muryango.

Ibyo birajyana n'uko hazaba hari impinduka zidasanzwe mu miturire, imikorere n'imiterere y'iterambere ry'abaturage muri rusange, kuko iyo urebye ibishushanyombonera by'imiturire iteganyijwe mu Mujyi wa Kigali, icyo gihe abadashobora gutura mu miturirwa bizagorana kuba mu bice binyuranye by'u Rwanda.

Imibereho nk'iyo yiganjemo gukoresha ikoranabuhanga n'imibereho ishingiye ku bumenyi, isaba kuyitegura no gushora imari mu kurushaho kwagura ubushobozi bwo kwakira iyo mibereho izaba yoroshye ariko izaba isaba kuyimenya no kuyimenyera.

Uko iminsi ishira indi igataha, ni ko bigenda bigaragara neza ko imibereho ishingiye ku ikoranabuhanga idashobora gukumirwa mu gihe Isi yinjira mu mpinduramatwara ya kane y'ubukungu.

Mu Isi nshya Abanyarwanda twinjiramo, birakwiye ko buri wese akwiye gutangira kwihugura kugira ngo igihe kitazadutungura, bikazagora benshi kuba mu mibereho yimakaje ubukungu bushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga.

# RwandAir igiye gutangira ingendo i Mombasa na Zanzibar

ZIGAMA Theoneste

***Isosiyete y'u Rwanda ikora ubwikorezi bwo mu Kirere (RwandAir) yatangaje ko igiye gutangiza ingendo nshya mu byerekezo bibiri bijya i Mombasa muri Kenya no ku kirwa cya Zanzibar muri Tanzania, bitarenze mu mpera z'umwaka wa 2025.***

Ni mu rwego rwo kwagura uburyo bwo guhuza akarere n'Isi yose ndetse no kongera umubare w'abagenzi n'ibicuruzwa isanzwe itwara.

Umuyobozi Mukuru wa RwandAir, Makolo Manzi Yvonne yabitangarije mu nama ya 9 yiga ku guteza imbere indege muri Afurika (Aviation Africa Summit & Exhibition 2025) yari imaze iminsi 2, iteraniye i Kigali kuva tariki ya 4-5 Nzeri 2025.

Makolo yashimangiye ko umubare w'abagenzi n'ibicuruzwa byabo, bakenera indege z'u Rwanda by'umwihariko abajya mu Karere u Rwanda rurimo ukomeje kwiyongera.

Yumvikanishije ko RwandAir iri kongera kuzahuka nyuma y'umwaka w'ingorane, zishingiye ku gufungwa kw'ikirere cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, byateye ihungabana mu ngendo ndetse bituma basubiramo igenamigambi ry'urugendo rw'indege.

Yagize ati: "Twashatse guhagarika zimwe mu ngendo, ariko turongera gufungura izindi mu Burasirazuba. Mombasa na Zanzibar ni zo ziri hafi cyane gutangira bitarenze mu mpera z'uyu mwaka wa 2025."

Yakomeje agira ati: "Turi kubona izamuka rikomeye ry'abakenera indege. Muri iyi mpeshyi byagenze neza cyane kandi dutegereje ko bizakomeza. Hari ubushake bwinshi ku ruhande rw'abagenzi no ku rw'ibyoherezwa mu ndege. Ni yo mpamvu twishimiye cyane ejo hazaza h'iterambere rya RwandAir."

RwandAir itangaza ko igiye gutangiza ingendo nshya, nyuma y'igihe kitarenze ibyumweru 2, ivuze ko yungutse indege ebyiri zo mu bwoko bwa Boeing 737-800.

Indege imwe ifite imyanya 12 yo mu cyiciro cy'abanyacyubahiro (Business Class) n'imyanya 162 yo mu cyiciro cy'ibiciro bihendutse (Economy Class), zikaba zifite ubushobozi bwo gutwara abagenzi 348 muri rusange.

RwandAir yatangaje ko izo ndege zizakoreshwa cyane mu ngendo ngufi n'iziringaniye.

RwandAir ishima ubufatanye igirana na kompanyi z'ibindi bihugu

Makolo yagize ati: "Ingendo ndende zacu, urugendo rwa London mu Bwongereza na Doha muri Qatar ziri kugenda neza cyane. Ndetse n'urugendo rwo mu Burayi hamwe n'ingendo z'akarere nka Entebbe, Nairobi, Dar es Salaam, Bujumbura, zose ziri gukora neza cyane."

Yongeyeho ko ubufatanye bwa RwandAir na Qatar Airways mu bijyanye no gusangira indege (code-share agreement) ari ingenzi cyane, kuko butuma abagenzi bagera aho bajya nta ndege nshya RwandAir ishyize mu kirere.

Makolo yagize ati: "RwandAir nk'indege nto ikora ingendo zisaga 20 ku giti cyayo. Ariko kubera ubwo bufatanye dufite bwongeraho izindi ngendo zisaga 100 ku muyoboro wacu."

Umuyobozi Mukuru wa RwandAir Makolo yavuze ko ubwo bufatanye ari ngombwa, atari ku rwego mpuzamahanga gusa ahubwo no hagati y'abakoresha indege muri Afurika, kugira ngo batsinde imbogamizi z'ibura ry'indege no gutwara amafaranga menshi mu mikorere yazo bikigaragara ku mugabane w'Afurika.

Ubu RwandAir ikoresha indege 16 kandi iteganya kuzagera kuri 21 mu 2029.

Indege ebyiri nshya za 737-800 ni intambwe igaragara muri urwo rugendo, ndetse indi ndege nini yo mu bwoko bwa Airbus A330-200 iteganyijwe kugezwa mu Rwanda bitarenze 2025.

Nk'uko biteganywa muri Gahunda y'igihe kirekire y'Ubwikorezi mu Rwanda y'imyaka itanu (2024-2029), ibyerekezo bya RwandAir biziyongera bivuye kuri 23 mu 2023/24 bikagera kuri 29 mu 2028/29.

Muri iyo gahunda, umubare w'abagenzi biteganyijwe ko uzikuba kabiri, ukava ku basaga gato miliyoni 1 mu 2023/24 ukagera kuri miliyoni 2.1 mu 2028/29.

RwandAir iteganya gutwara abagenzi bagera kuri miliyoni 1.2 muri uyu mwaka w'ingengo y'imari uzarangira muri Kamena 2026, ugereranyije n'abasaga gato miliyoni 1 yatwaye mu mwaka wa 2023/2024.



**Indege za RwandAir zigiye gutangira ingendo muri Zanzibar na Mombasa**

# Hagaragajwe ko urubyiruko ari inkingi ya mwamba mu kwihaza mu biribwa kw'Afurika

NYIRANEZA Judith

***Abayobozi batandukanye bitabiriye Inama yiga ku guteza imbere ibiribwa muri Afurika, bagaragaje ko urubyiruko rufite uruhare runini mu iterambere ry'ubuhinzi ku Mugabane wa Afurika, rusabwa gufata iya mbere mu kubukora mu buryo buteye imbere by'umwihariko hakoreshwa ikoranabuhanga.***



Mu nama yiga ku guteza imbere ibiribwa muri Afurika, hagaragajwe ko urubyiruko ari ingenzi

Babikomojeho mu nama ya mbere muri Afurika ihuje abayobozi b'inzego zitandukanye ari iz'abanyapolitiki, iza Leta, abashakashatsi, abayobozi b'urubyiruko bakora mu ruhererekane rw'ibiribwa n'ubuhinzi, baturutse mu bice bitandukanye by'Afurika, cyane ko urubyiruko ruri ku isonga mu rugamba rwo guhaza Afurika ndetse bagasagurira n'indi migabane.

Umuyobozi Mukuru w'Ihuriro nyafurika rishinzwe guteza imbere uruhererkane rw'ibiribwa (AFS), Amath Oathe Sene yavuze ko urubyiruko rufite uruhare mu guteza imbere ubuhinzi, bahanga udushya, ubuhinzi bugakorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga

Ati: "Iyi nama yihariye iduhurije hamwe itanga amahirwe, iradufasha gushyiraho gahunda y'Umugabane wa Afurika mu bijyanye n'ubushobozi, ubushakashatsi, ubufatanye, imiyoborere, guhura tugashyiraho gahunda y'uburyo twajya duhererekanya ibyiza hagati yacu mu guteza imbere ubuhinzi."

Yongeyeho ati: "Duhuye ngo tuvugurure kwiyemeza guhuriweho ngo urubyiruko rw'Afurika ruhindure ubuhinzi, bugane mu cyerekezo urubyiruko ruzaha urwo rwego, icyerekezo gituma umugabane wihaza mu biribwa. Guhitamo insanganyamatsiko y'uyu mwaka yibanze ku rubyiruko iruhamagarira kugira uruhare mu guteza imbere ubuhinzi muri Afurika."

Yavuze kandi ko baganiriye ku buryo urubyiruko rugira inshingano, ari mu bahinzi, mu bahanga udushya, mu bucuruzi kugira ngo urubyiruko n'abagore babone imirimo, kuko urubyiruko rufite imbaraga zo gukora, rukaba arii rwo moteri y'impinduka, ubuhinzi bukagaragara nka business, ikibazo ni ukugira ubufatanye n'ahandi hose ku Isi.

Icyumweru iyo nama izamara, ni inama y'ishoramari ku buryo ubuhinzi bugaragara nka business.

Perezida w'Ihuriro Nyafurika riharanira impinduka mu buhinzi (AGRA) Alice Ruhweza, yavuze ko iyo nama igamije kongera ingufu mu bikorwa bijyanye no kwihaza mu biribwa.

Yagize ati: "Turi hano ngo twongere imbaraga kandi twishimire ibyagezweho, twageze kuri byinshi aho abahinzi bato bakoresha kuhira mu buryo buciriritse, ariko ubuhinzi buteye imbere hakoreshwa tekiniki nshya zihangana n'amapfa.

Urubyiruko n'imbaduko rujye mu buhinzi, rutegure ejo hazaza ku bazabaho mu bihe biri imbere n'Umugabane wa Afurika wihaze mu biribwa."

Iyo nama ifite insanganyamatsiko igira iti, "Urubyiruko rw'Afurika ruyoboye Ubufatanye, Guhanga ibishya no gushyira mu bikorwa iterambere ry'Uruhererekane rw'Ubuhinzi n'Ibiribwa."

# Mozambique: Ingabo z'u Rwanda zaguriye amagare abayobozi b'Imidugudu

NTAWITONDA Jean Claude

***Inzego z'Umutekano z'u Rwanda (RSF) zoherejwe kurwanya iterabwoba mu Ntara ya Cabo Delgado muri Mozambique, zashyikirije Abayobozi b'Imidugudu mu Karere ka Mocimboa da Pria amagare baguriwe.***

Icyo gikorwa gikubiye mu mbaraga zikomeje gushyirwa muri gahunda zo kurwanya iterabwoba, gushyigikira iterambere rya sosiyete no kongerera imbaraga imiyoborere y'Inzego z'inanze.

Ibirori byo gushyikirira abo bayobozi b'Inzego z'ibanze amagare baguriwe wabereye mu nzu mberabyombi y'Akarere ka Mocímboa da Praia, witabirwa n'abayobozi b'Inzego z'ibanze, abahagarariye Inzego z'umutekano za Mozambique n'abaturage.

Helena Bandeira, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Mocímboa da Praia, yashimiye Inzego z'Umutekano z'u Rwanda inkunga bakomeje kubatera, ashimangira ko amagare yatanzwe azafasha kunoza imiyoborere y'abayobozi b'Inzego z'ibanze n'imitangire ya serivisi.

Yagize ati: "Iyi nkunga igiye gutanga umusaruro wihuse ku bayobozi b'imiryango, kuko igiye kubafasha kugera ku baturage bayoboye byihuse maze bagatanga serivisi mu buryo buboneye.

Yakomeje agira ati: "Turashimira Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, n'Inzego z'umutekano kuba baratanze ibyo abaturage ba Mucímboa da Pria bakeneye na Mozambique muri rusange."

Umuyobozi wa Brigade ya 5 y'Inzego z'Umutekano z'u Rwanda Col Emmanuel Nyirihirwe, yashimangiye akamaro k'ubufatanye hagati yabo n'abayobozi b'Inzego z'ibanze mu kugarura amahoro no kurushaho kunoza imibereho y'abaturage ba Mocímboa da Pria.

Col Niyihirwe yahamije ko ariya magare batanze ari uburyo bw'ingenzi bwo gutwara abayobozi b'Imidugudu aho bajya hose, bikabafasha kugera ku bo bayoboye byoroshye, no gusuzuma amakuru ari ku kibuga bakayatangira ku gihe.

Ati: "Uretse uruhare iyi nkunga ifite mu kongera umutekano, izakomeza gufasha mu kunoza ubufatanye bw'Inzego z'Umutekano, abayobozi b'inzego z'ibanze ndetse n'abaturage. Twizera kandi ko aya amagare azagirira akamaro abayobozi mu bikorwa byabo bya buri munsi."

Aya magare yatanzwe by'umwihariko mu gushakira umuti imbogamizi mu ngendo z'abayobozi b'inzego z'ibanze, akaba anitezweho koroshya ihuzabikorwa ry'imirimo y'ubuyobozi no kongerera imbaraga ingamba z'umutekano zafashwe mu mujyi no mu nkengero zawo.



Abayobozi b'Imidugudu bishimiye inkunga y'amagare bahawe n'Inzego z'Umutekano z'u Rwanda





# U Rwanda n'u Bushinwa basinyanye amasezerano y'ubufatanye mu by'ubutabera



U Rwanda n'u Bushinwa basinyanye amasezerano mu bijyanye n'ubutabera

NYIRANEZA Judith

***U Rwanda n'u Bushinwa basinyanye amasezerano y'ubufatanye mu birebana n'ubutabera, hagati y'Ikigo cy' u Rwanda cy'Ibimenyetso bishingiye ku Bumenyi n'Ubuhanga bikoreshwa mu butabera (RFI) n'Ikigo cyo mu Bushinwa gipima uturemangingo ndangasano (DNA Service Center (Hong Kong).***

Ayo masezerano yashyizweho umukono ahagarariwe na Minisitiri w'Ubutabera Dr Ugirashebuja Emmanuel ku ruhande rw'u Rwanda na Ambasaderi wa Repubulika ya Rubanda y'u Bushinwa mu Rwanda, GAO Wenqi.

Ubwo buryo ni intangiriro y'igihe cy'impinduka mu rwego rw'ubutabera bw'u Rwanda. Bizafasha mu isesengura rya ADN riteye imbere kugira ngo rikemure ibibazo bigoye, ibikoresho bikomeye byo kurinda abana, no kugenzura umwirondoro, ku buryo u Rwanda ruba icyitegererezo, ihuriro mu bijyanye no gufata ibimenyetso byifashishwa muri urwo rwego mu karere.

Minisitiri Dr Ugirashebuja yagize ati: "Ni intambwe ikomeye ku Rwanda, kongera ubushobozi bw'ubutabera, guteza imbere ubutabera no kurengera abaturage bacu. Hamwe n'u Bushinwa, twashyizeho urufatiro rw'u Rwanda nk'ihuriro ry'akarere ry'icyitegererezo mu by'amategeko."

U Rwanda n'u Bushinwa ni ibihugu bisanzwe bifitanye umubano n'ubutwererane mu nzego zitandukanye, binyuze mu bikorwa remezo birimo kunoza imikoranire mu kubaka ibikorwa remezo nk'aho Ubushinwa bwubatse urugomero rw'amashanyarazi rwa Nyabarongo ya II, rutanga megawati 28.

Mu bikorwa by'ubuhinzi bugamije kunoza imirire myiza, u Bushinwa bwagejeje mu Rwanda umushinga wo guhinga ibihumyo, ubu bikaba ari umushinga witabirwa cyane n'abahinzi babigize umwuga mu Rwanda.

Hari kandi kuba haranubatswe uruganda rwa Sima mu Rwanda, ubu rukora sima nziza mu Karere ka Muhanga ikaba iziba icyuho cyo gutumiza sima hanze y'u Rwanda, rwatanze akazi ku Banyarwanda, runazamura ubukungu muri rusange.

# Abavoka bagiye kujya bunganira abantu mu mategeko hakoreshejwe ikoranabuhanga

ZIGAMA Theoneste

***Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rwavuze ko rugiye gutangiza uburyo bwo kunganira abantu mu mategeko hifashishijwe ikoranabuhanga aho bizafasha abashaka ubufasha kudasiragira bajya kubashaka.***

Perezida w'Urugaga rw'Abavoka, Me Nkundabarashi Moïse yabigarutseho ku wa Mbere tariki ya 1 Nzeri 2025, mu gutangiza umwaka w'ubucamanza mu Rwanda wa 2025/2026, aho yashimangiye ko iyo gahunda izatangira muri uwo mwaka.

Yagize ati: "Mu rwego rwo korohereza abatugana, turateganya gutangiza ikoranabuhanga, rizajya rituma abavoka babasha kubonana n'ababagana bidasabye ko baza ku rugaga."

Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rwatangaje ko mu mwaka w'ubucamanza ushize wa 2024/2025, abavoka bunganiye mu mategeko Abanyarwanda batishoboye 5 376. Uwo musanzu ubarirwa agaciro k'amafaranga y'u Rwanda miliyari 2 na miliyoni 688.

Yashimye Minisiteri y'Ubutabera ifasha abavoka bunganira abo batishoboye kugira ngo babone ubutabera bwuzuye.

Me Nkundabarashi yavuze ko urugaga ayoboye rwabashije kumvikanisha abavoka n'ababagana bari bafitanye ibibazo, aho 88 byakemutse muri ubwo buryo mu 2024/25.

Ubusanzwe Abavoka mu Rwanda bafite inshingano zo kugira inama, kunganira no guhagararira Abanyarwanda mu nkiko, hari n'ubwo bagira inshingano zo kugira inama Leta.

Kugeza ubu mu Rwanda hari abavoka basaga 400 barimo abagabo n'abagore.



Abavoka bagiye kujya bunganira mu mategeko atari imbonankubone, hifashishijwe ikoranabuhanga

# Dipolome z'abatsinze ibizamini bya Leta zizatangwa mu Kwakira




Umuyobozi wa NESA, Dr Bahati Bernard yatangaje ko dipolome z'abatsinze zizatangwa mu Ukwakira 2025

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) cyatangaje ko guhera mu kwezi k'Ukwakira 2025, kizatangira gutanga impamyabumenyi n'impamyabushobozi (dipolome) ku banyeshuri batsinze ibizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye by'umwaka w'amashuri wa 2024/2025.***

Umuyobozi Mukuru wa NESA Dr. Bernard Bahati, yatangaje ko umunyeshuri wese ushaka guhabwa impamyabumenyi agomba kuba yaragejeje nibura ku manota 50% ku bizamini byose bya Leta ku biga ubumenyi rusange.

Ni mu gihe ku banyeshuri biga amasomo ya tekiniki, imyuga n'ubumenyingiro (TVET), uzahabwa impamyabushobozi asabwa kugira amanota atari munsi ya 70% mu bizamini ngiro yakoze.

Minisiteri y'Uburezi iheruka gutangaza ko abanyeshuri biyandikishije gukora ibizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye mu 2024/2025, bari 106 079, abakoze bangana na 105 997, muri bo 94 409 batsinze, bingana na 89.1%.

Ugereranyije n'umwaka wabanje, amanota y'abatsinze yiyongereyeho 10.5%, bikerekana intambwe ikomeye mu rwego rw'uburezi mu Rwanda.

NESA yanibukije ko abakandida batanyuzwe n'amanota yabo bashobora gusaba ko asubirwamo.

Abanyeshuri biyandikishirije ku mashuri bagomba kubinyuza ku buyobozi bw'ishuri, mu gihe abakandida bigenga bakoresha urubuga rwa SDMS.

Ubusabe bugomba kuba bwatanzwe mu minsi 30 uhereye igihe amanota yatangarijwe. Nyuma y'icyo gihe sisitemu izafungwa kandi nta busabe buzaba bwamewe kwakirwa.

NESA mu gihe imaze kwakira ubusabe, ishyiraho Komite yihariye isuzuma ikibazo. Iyo basanze nta shingiro gifite, umukandida amenyeshwa binyuze mu butumwa bugufi (SMS). Ibyo bisubizo bitangwa mu gihe kitarenze iminsi 60 kuva ubusabe bwakiriwe.

NESA yemeje ko iri suzumwa ry'amanota rizakomeza gukorwa mu gihe cyagenwe, icyakora ngo ntibizatuma gutangwa kw'impamyabumenyi n'impamyabushobozi bitinda.

# Abanyereje umutungo bateje Leta igihombo cya miliyari 10.4 Frw



Kunyereza amafaranga bihanwa n'amategeko

KAYITARE Jean Paul

***Imibare ya Minisiteri y'Ubutabera igaragaza ko kuva mu 2016-2023, ibyaha byo kunyereza umutungo, gutanga isoko bitanyuze mu ipiganwa n'ibyaha bya ruswa, byateje Leta igihombo cya miliyari 10.4 Frw, muri yo hamaze kugaruzwa miliyari 2.2 Frw.***

Ibyaha byo kunyereza umutungo wa Leta byahombeje Igihugu arenga miliyari 7.4 Frw, ibyaha byo gutanga amasoko bitanyuze mu ipiganwa biyihombya arenga miliyari 1.8 Frw, ibyaha bya ruswa bihombya Igihugu miliyoni 186 Frw.

Ni mu gihe kuva mu 2013-2025 hamaze kugaruzwa 15 400 000 000 Frw. Umwaka wa 2021/2022 ni bwo Leta yagaruje amafaranga menshi kuko yagaruje 3 300 000 000 Frw hakaba hakiri 16 600 000 000 Frw zigikurikiranwa nk'umwenda ugomba kwishyurwa n'abatsinzwe imanza baburanaga na Leta, naho 8 400 000 000 Frw zo ngo byamaze kugaragara ko zitazishyurwa.

Perezida wa Komisiyo y'Umutwe w'Abadepite ishinzwe kugenzura ikoreshwa ry'imari ya Leta, PAC, Hon Valens Muhakwa, avuga ko hari amakosa avamo ibyaha bituma bamwe mu bayobozi bagezwa imbere y'ubutabera kugira ngo baryozwe ibyagushije Leta mu gihombo.

Agira ati: "Muri raporo uko tugenda tuzishyikirizwa tubona ko hari ibikorwa biba byarabayemo bishobora no kuvamo amakosa yabyara ibyaha byo kunyereza umutungo.

Ni yo mpamvu burya no mu myanzuro dushyikiriza Inteko rusange ngo ifateho imyanzuro ibone gushyirwa mu bikorwa. Buriya haba harimo igice cy'imyanzuro ishyikirizwa ubushinjacyaha kugira ngo nabwo bukurikirane mu butabera abo tubona bakekwaho ayo makosa yabyara ibyaha."

Mu mwaka w'ubucamanza wa 2024/2025 urangiye, dosiye ubushinjacyaha bwakiriye zigaragaza ko uburemere bw'ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu bikomeje kwiyongera.

Umushinjacyaha Mukuru Angelique Habyarimana agira ati: "Mu byaha bimunga ubukungu bw'igihugu, ubushinjacyaha bwakiriye amadosiye 1 252, muri yo 1 153 yafatiwe umwanzuro bivuze ko bihwanye na 92% by'amadosiye yose yakiriwe."

Mu manza 620 zasomwe, ubushinjacyaha bwashoboye gutsindamo 521.

Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Mpuzamahanga urwanya ruswa n'akarengane ishami ry'u Rwanda, Ingabire Marie Immaculée, avuga ko abanyereza umutungo wa Leta badakwiye kwihanganirwa.

Agira ati: "Iyo ufashe raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, ndabyemera nanjye kuko tujya tuyisesengura, hari icyaha ureba ukabona mu by'ukuri harimo amakosa y'akazi ntabwo harimo icyaha cyatuma bakurikiranwa ariko noneho kuki ayo makosa akugaragaraho ukaguma aho, ni wowe kampara?

Wari ukwiye kuba wigiye ku ruhande ukabisa n'abandi Banyarwanda bakagerageza kuko abaturage erega twagutereye icyizere, wakabaye nawe ubona ko uhicaranye umugayo. Bigufunga, biguca amande ariko nibagukure muri uwo murimo."

Imibare ya Minisiteri y'Ubutabera igaragaza ko imbaraga Leta ikomeje gushyira mu bikorwa byo gukurikirana abanyereza umutungo w'igihugu.

Umukozi ushinzwe imanza za Leta muri Minisiteri y'Ubutabera, Spéciose Kabibi, agaragaza ko ikibagora ari uko abatsindwa imanza usanga imitungo yabo iba yaranditswe ku bandi bantu bityo Leta ibakura icyo yiyishyura.

Abandi yerekana ko baba baratanze imitungo yabo nk'ingwate mu mabanki n'ibindi, icyakoze yemeza ko abanyereza umutungo w'Igihugu ntaho bazacikira ubutabera.

Ati: "Hari abishyura, hari abo tugirana amasezerano yo kwishyura mu byiciro bakayubahiriza ariko na ba bandi badashobora kwizana nabo tukagera ku mitungo yabo igashyirwaho itambama, batashobora no kuza bikagera n'aho imitungo yabo itezwa cyamunara."

Akomeza agira avuga ati: "Ubutumwa tuba dushaka gutanga, ni ukuvuga ngo aho muri hose, mu gihe cyose hari amafaranga mwaciwe, ni uko tuzabageraho, mwakwihisha he, mwajya he, tuzabageraho.

Icyiza ni uko mwakwegera Leta mukayishyura ku neza cyangwa se tukumvikana uburyo mushobora kugenda mwishyura mu byiciro."



Bamwe mu bana bayobora abandi bavuga ko bikwiye gukemura ibitera abana kujya mu muhanda kuruta kubashyira mu yindi miryango

# Hatangijwe porogaramu ya telefoni itanga uburere buboneye mu Rwanda

MUTETERAZINA Shifah

***Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), ifatanyije n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) n'abandi bafatanyabikorwa, batangije porogaramu ya telefoni 'Itetero Mobile App', igamije gutanga amakuru afasha ababyeyi kurera neza.***

Mu gihe telefoni yabaye kimwe mu bikoresho ababyeyi bareresha abana babo, Guverinoma y'u Rwanda yasanze hakwiye kubaho uburyo bwihariye bufasha abana kubonera uburere muri izo telefoni aho kubabera ibirangaza bibabata.

Ni gahunda yafunguwe ku mugaragaro ku wa Kane tariki ya 4 Nzeri 2025, ubwo habaga ibiganiro nyunguranabitekerezo byibanze ku buryo ababyeyi bakwiye kwita ku mikurire y'umwana n'uburere buboneye, banamurinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

Mujawimwana Eugenie, umubyeyi ufite umwana uri mu nsi y'imyaka irindwi, avuga ko yishimiye cyane iyo gahunda kubera ko hari ibyo ije kubafasha.

Ati: "Ni gahunda nziza kuko iyi poroguramu batuzaniye nibura uzajya uha umwana telefone umushyiriremo n'ibyo areba ubimugenere kurusha uko wayimuhaga cyangwa yanayifata akareba ibyo abonye."

Nabonye ifite uburyo iteyemo bwiza kuko ibirimo byose bigendanye n'imyaka, ntabwo wafata umwana ufite imyaka 10 ngo umwereke iby'ufite imyaka itanu, urumva ko n'umwana ntiyabirambirwa."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA), Ingabire Assumpta, yavuze ku ntego y'inama yatangarijwemo iyo Porogaramu nshya, asaba Abanyarwanda gushyira mu bikorwa ibyo bahungikiye.

Ati "Uburere buboneye ubundi butangwa n'umubyeyi, ariko se azi icyo gukora muri iki gihe turimo, kijyanye n'iki gihe turimo? Twifuje gutegura iyi nama kugira ngo tubiganireho kandi tubwizanye ukuri kugira ngo twibaze ngo ni gute twarera abana bacu neza."

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Uwimana Consolée, avuga

KOMEZA KU RUP.11





## Hatangijwe porogaramu ya telefoni itanga uburere buboneye mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.10

ko Itetero App igiye kuba igisubizo mu guha ababyeyi amakuru yizewe mu kurera abana babo.

Ati: "Uyu munsi dushyizeho Porogaramu, dutekereza ko izaduha amakuru mu bijyanye no kurera neza umwana ariko ibyo dukora byose kugira ngo mubikore kandi bigire impinduka, biradusaba gufatanya no kugira ibibazo by'umuryango ibyacu buri wese akabigira ibye."

Poroguramu ya 'Itetero App' yatangijwe, mu gihe hari hashize imyaka 10 kuri Radio na Televiziyo y'u Rwanda hacaho ikiganiro cyitwa itetero mu rwego rwo kwigisha abana binyuze mu mikino n'indirimbo no gukangurira ababyeyi kwita ku burenganzira bw'umwana.

Minisitiri Uwimana yasabye ababyeyi kuzirikana inshingano zabo zo kwita ku bana bakabategurira ahazaza heza, cyane ko ababyeyi ari bo bari ku ruhembe rw'imbere mu kurera.

# Miliyari 70 Frw zagenewe kwimura abatuye ahazubakwa urugomero rwa Nyabarongo II

ZIGAMA Theoneste

**Guverinoma y'u Rwanda yateganyije miliyari 70 z'amafaranga y'u Rwanda, azakoreshwa mu bikorwa byo kwimura abaturage, ahazubakwa urugomero rwa Nyabarongo II, rwitezweho gutanga Magawati 43.5 rukanarema ububiko bw'amazi bw'ikiyaga cya metero kibe miliyoni 800.**

Ni urugomero ruzaba ari rumwe mu mishinga minini mu gihugu mu by'ingufu z'amashanyarazi, ubwikorezi bwo mu mazi, siporo, ubukerarugendo no kuhira imyaka, uzaba ubarizwa ku bilometero 67 bikora ku Turere twa Nyarugenge, Rulindo, Gakenke, Muhanga, Kamonyi,Nyabihu, Ngororero na Musanze.

Umuyobozi Mukuru w' Ikigo gishinzwe Ibikorwaremezo byo gukwirakwiza Umuriro w'Amashyanyarazi (EDCL), Felix Gakuba, yavuze ko bamwe mu baturage bamaze kwishyurwa ndetse bakimurwa, mu gihe abandi bafite ibibazo by'ibyangombwa bituzuye basabwa kuzuza ibisabwa kugira ngo na bo bishyurwe.

Yagize ati: "Ku baturage bazagirwaho ingaruka n'ikiyaga cy'urugomero, imitungo yabo n'imibereho yabo biri gukusanyirizwa amakuru. Bazimurirwa mu midugudu igezweho izubakwa hafi y'aho bari basanzwe batuye kandi bahabwe ibikorwa remezo byose by'ibanze birimo amashuri n'ibigo nderabuzima."

Yakomeje ashimangira ko abo baturage bazanabona inyungu mu bikorwa by'ubukungu bizakomoka kuri uru rugomero, byiyongera ku ngurane bazaba bahawe

Urukuta rw'urugomero ruri kubakwa hagati y'Akarere ka Kamonyi mu Murenge wa Ngamba n'aka Gakenke mu Murenge wa Muhondo.

Biteganyijwe ko uruzi ruzavamo ruzaba rufite ubuso bwa kilometero kare zikabakaba 30, rufite ubujyakuzimu bwa metero 59 n'amazi y'ikiyaga arenga metero kibe zisaga miliyoni 800.

Uyu mushinga uzubaka urugomero rwa Nyabarongo II ruzatanga megawati 43.5 z'amashanyarazi, runuhire hegitari 20 000, kandi unafashe mu bworozi bw'amafi, ubwikorezi bwo mu mazi n'ibindi bikorwa by'ubukungu.

Inzego z'ubuyobozi zivuga ko ibizimurwaho birimo ubutaka n'inzu, bikaba biteganyijwe ko imiryango igera ku 3 400 ari yo izimurwa.

Ni umushinga witezweho guha akazi Abanyarwanda bagera ku 1000, aho iyo mirimo yo kurwubaka izatwara amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 320, hatabariwemo amafaranga yo kwimura abaturage.

Gakuba yagize ati: "Mu gihe cy'imvura ubwo urugomero ruzaba ruhangwa, amazi azajya agabanyuka ariko bidateza ikibazo, kuko bizakorwa mu gihe cy'imvura kandi mu gihe cy'amezi atanu, bityo nta kubura amazi kuzabaho."

Yongeyeho ko buri gihe harebwa uko ingaruka mbi zagabanyuka ugereranyije n'inyungu z'umushinga.

Ati: "Hari uduce duto tuzagirwaho ingaruka n'urugomero, ariko turakorana n'Ikigo gishinzwe Mine, Gaz na Peteroli mu Rwanda kugira ngo hatagira ufite uruhushya rwo gucukura, uzabikora mu buryo butaribwo."



Hazahangwa ikiyaga gishya kizatanga ingufu z'amashanyarazi ku bwinshi

Umuyobozi ushinzwe imishinga yo kubyaza amashanyarazi no kuyakwirakwiza mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG), Higaniro Théoneste yasobanuye ko miliyari 70 Frw zagenewe kwimura abaturage zizakoreshwa mu kubishyura ingurane z'imitungo yabo no kubimura mu buryo bukwiye.

EDCL itangaza ko guhanga ikiyaga cy'amazi y'urugomero bizakorwa buhoro buhoro mu gihe cy'imvura, ku buryo nta bibazo bizabaho.

Mu mwaka wa 2020, u Rwanda n'u Bushinwa basinye amasezerano y'ubufatanye, aho Banki y'u Bushinwa China Exim Bank yahaye u Rwanda inguzanyo ya miliyari 308.9 (miliyoni 214 z'Amadolari) yo gufasha kubaka urugomero rwa Nyabarongo II.

# U Rwanda rwungutse hafi miliyari 180 Frw mu bukerarugendo bushingiye ku ndege



Ubukerarugendo bushyigikiwe n'indege mu Rwanda bwagize uruhare rwa miliyari 179.8 Frw

ZIGAMA Theoneste

***Ubushakashatsi bushya bwakozwe n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe ingendo zo mu Kirere (IATA), bugaragaza ko ubukerarugendo bushyigikiwe n'indege mu Rwanda bwagize uruhare rwa miliyoni z'amadolari ya Amerika 124.9 (ni ukuvuga hafi miliyari 179.8 Frw) mu musaruro mbumbe w'Igihugu ndetse bukaba butanga akazi ku bantu 29 000 mu Rwanda.***

Ni ubushakashatsi bwamurikiwe mu nama ya Aviation Africa Summit yiga ku iterambere ry'indege muri Afurika yabereye i Kigali kuva tariki ya 4- 5 Nzeri 2025.

Raporo y'ubwo bushakashatsi yiswe "The Value of Air Transport to Rwanda", yakusanyije imibare y'umwaka wa 2023, yerekana ko hari uburyo butandukanye bwo gupima uruhare rw'ingendo z'indege mu bukungu bw'igihugu.

Ibipimo by'ingenzi bibiri ni umubare w'akazi n'umusanzu mu musaruro mbumbe w'igihugu utangwa n'urwego rw'ingendo z'indege, harimo kompanyi z'indege, abacunga ibibuga by'indege n'ibigo bikoreramo, abatanga serivisi zo kuyobora indege mu kirere ndetse n'inganda zikora ibikoresho byazo.

Mu Rwanda, ubushakashatsi bwerekana ko nibura abantu 2 900 bakora muri uru rwego mu buryo buhoraho, batangaamadolari ya Amerika miliyoni 8.9, bingana na 0.1% by'umusanzu mbumbe wose.

Indi nyungu ikomoka ku musaruro w'urwego rwagutse, amafaranga akoreshwa n'abakozi ndetse n'ubukerarugendo, byose hamwe bitangaamadolari ya Amerika miliyoni 160.1 mu musaruro mbumbe w'igihugu ndetse n'akazi ku bantu 42 000.

Ubukerarugendo bushyigikiwe n'ingendo z'indege butanga amadolari ya Amerika miliyoni 124.9 mu musaruro mbumbe w'igihugu kandi butanga akazi ku bantu 29 000.

Iyo raporo ikomeza ivuga ko ba mukerarugendo mpuzamahanga basura u Rwanda bagira uruhare rw'amadolari ya Amerika miliyoni 688 buri mwaka mu bukungu, binyuze mu kugura ibicuruzwa na serivisi z'abacuruzi b'imbere mu gihugu.

Ingendo zo mu ndege zitanga inyungu nyinshi zinyuranye, aho zigira uruhare runini mu ntego z'iterambere rirambye z'Umuryango w'Abibumbye (SDGs).

Ingendo z'indege zorohereza uburezi, zihuza inshuti n'imiryango, zifasha gusangira imico no guteza imbere imibereho y'abaturage.

Iyo raporo igira iti. "Izi mbaraga zikomatanyije zituma igihugu cyongera ubushobozi bwacyo bwo gukora, bikagira uruhare mu iterambere ry'igihe kirekire no mu kugabanya ubukene ndetse no kuzamura imibereho y'abaturage bose."

Indege zigira uruhare rukomeye mu iterambere ry'amakoperative y'ubucuruzi n'imiyoboro y'ubwikorezi, ndetse no mu guteza imbere ubucuruzi bwo kuri internet.

Ubushakashatsi bugaragaza ko toni 16 500 z'ibicuruzwa by'indege byanyuze ku bibuga by'indege byo mu Rwanda mu 2023, bigira uruhare mu byoherezwa no kuzana ibicuruzwa.

Raporo iti: "Igihe hari urusobe rw'ingendo rwagutse, rubasha guhindura ubuzima n'imibereho y'abaturage. Mu guhuza abantu baturuka mu mijyi itandukanye mu buryo bwihuse kandi bwizewe, indege zitanga inyungu ku bakiliya ndetse no ku bukungu muri rusange.

Zifatanya kugabanya intera, gutuma ubuzima burushaho kuba bwiza no gusangira imico. Mu bice by'icyaro n'ahitaruye, indege zitanga umurongo w'ingenzi wo kubona serivisi nk'ubuvuzi, uburezi ndetse n'akazi."

IATA yagaragaje ko ingendo mpuzamahanga zagize 95% by'ingendo zose zavuye cyangwa zerekeje mu Rwanda mu 2023, bingana n'abagenzi 447 400.

Afurika ni ryo soko rinini mu ngendo mpuzamahanga zituruka mu Rwanda, ikurikirwa n'u Burayi na Amerika ya Ruguru.

Ubwo bushakashatsi bugaragaza ko hafi abagenzi 249 800 basohotse mu Rwanda berekeza mu kindi gihugu cyo muri Afurika (bingana na 56% byose); 92 800 berekeza i Burayi (21%), naho 47 600 berekeza muri Amerika ya Ruguru (11%).

Imijyi 10 ikunze kuganwa cyane n'abagenzi bavuye mu Rwanda irimo Nairobi muri Kenya, Entebbe muri Uganda, Buruseli mu Bubiligi, Johannesburg muri Afurika y'Epfo, Dubai muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu, Lagos muri Nigeria, Paris, Dar es Salaam muri Tanzania, Bujumbura mu Burundi na London mu Bwongereza.

Kuva mu 2014 ingendo mpuzamahanga mu Rwanda ziyongereyeho 23% imbere muri Afurika, ziyongeraho 326% ku bajya mu bindi bice by'Isi.

Abagenzi bangana na 66% basoreza urugendo rwabo mu Rwanda cyangwa bagakomeza ingendo zabo bifashishije imodoka cyangwa ubundi buryo.

Abagenzi bangana na 34% bagera mu Rwanda bakoresha Ikibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Kigali, ubundi bagakomereza mu bindi bihugu.

Biteganyijwe ko mu 2026 sosiyete y'u Rwanda y'Ubwikorezi bwo mu kirere (RwandAir) izaba itwara abagenzi miliyoni 1,2 bavuye kuri miliyoni imwe yariho mu 2023/2024.

Biteganyijwe ko mu 2028/2029 bazaba barageze kuri miliyoni 2,1, indege zayo zigere kuri 21.





# Yihannye amaze kwica inyamaswa 6 000 muri Pariki ya Nyungwe

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Kanani Callixte w'imyaka 47, ni umwe mu bavukiye mu muryango wamusigiye umurage w'ubuhigi, aho ahamya ko yahindutse amaze kwica inyamaswa zisaga 6000 yumva ko ari bwo buzima kuko yakuze abona se na sekuru abyo bibatunze.***

Kanani Callixte w'imyaka 47, ni umwe mu bavukiye mu muryango wamusigiye umurage w'ubuhigi, aho ahamya ko yahindutse amaze kwica inyamaswa zisaga 6000 yumva ko ari bwo buzima kuko yakuze abona se na sekuru abyo bibatunze.

Mu buhamya yahaye Imvaho Nshya, Kanani utuye mu Kagari ka Cyanyirankora, Umurenge wa Kivu mu Karere ka Nyaruguru, avuga ko yatangiye inyamaswa afite imyaka 12 abimaramo imyaka 20 yose.

Ashimangira ko agenekereje muri iyo myaka yose yishe inyamaswa zirenga 6.000 zirimo ifumberi, ingurube z'ishyamba (isatura), ishegeshi isiha n'izindi.

Ati: "Natangiye mperekeza data na sogokuru, mbatwaje impamba kuko twamaragamo icyumweru cyose tuzica. Twitwazaga ifu y'ubugari, ibirayi, ibitoki, ibijumba n'ibindi tuzarisha izo nyama, zimwe tukazotsa tukazirira aho izindi tukazitara, tukazazishyira abasigaye mu rugo, izindi tukazigurisha."

Avuga ko aho se na sekuru bapfiriye, we n'abavandimwe be bakomeje iyo ngeso, umugore bashyingiranywe akajya amutekerera impamba ajyana izamumaza icyumweru muri Nyungwe.

Yabanje gukoresha imitego 100, agera kuri 400; abo bafatanyaga bo bageze ku mitego 800, buri wese afite intego irenga 1000.

Avuga ko muri icyo gihe cyose yamaze yica inyamaswa, atwika ishyamba, ahakura anotsa inyama, nta nyungu igaragara yakuyemo, ayo yabonaga kwari ukuyanywera gusa anikanga gucakirana n'abarinzi ba pariki.

Ati: "Aho mfatiye icyemezo cyo kubivamo kubera ubukangurambaga bw'ubuyobozi bw'iyi Pariki, bukatubumbira mu makoperative, ndi umuvumvu ukomeye. Nsarura miliyoni irenga imwe y'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka mu buki gusa. Ntuye mu nzu y'agaciro k'arenga miliyoni 9, mfite imirima 5 naguze, mfite amashyamba 3 y'agaciro k'arenga miliyoni ebyiri, noroye inka, umuryango wanjye umeze neza."

Uretse Kanani, abaturage benshi bo mu Murenge wa Kivumu bacitse kuri iyo ngeso batangira kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima muri Pariki y'Igihugu ya nyungwe.

Bamwe bavuga ko batangiye kuyangiza bakiri bato bajyanyweyo n'ababyeyi, mu bikorwa by'ubuhigi, guhakura ubuki, gusenya inkwi n'ibindi.

Imwe mu myumvire bari bafitr yahindutse ni uko inyamaswa zimwe na zimwe zibereyeho kuribwa.

Ndagijimana JMV w'imyaka 44 wo mu kagari ka Gahurizo, na we avuga ko mu myaka ine yamaze yari amaze kwica inyamaswa zirenga 200.

Iyo myaka yose yakoraga akwepa abashinzwe gucunga Pariki, aza kubivamo abyibwirije nyuma y'ubukangurambaga bwari bwabereye mu Murenge wabo, amacumu n'izindi ntwaro gakondo yitwazaga abiha ubuyobozi.

Ati: "Ni aho imibereho yanjye yahindukiye, ntangira gukora nta bwoba, inyamaswa nicaga mpinduka umurinzi wazo, ubwenge mbukura mu kwangiza mbushyira mu kwiteza imbere."

Ubu ni umuvumvu aho yiyubakiye inzu ya miliyoni 6 z'amafaranga y'u Rwanda muriSanteri y'Ubucuruzi ya Mizirikano, agura amasambu 7 afite agaciro ka miliyoni 7, aniyubakira inzu yo guturamo ya miliyoni enye.

Avuga ko mu buvumvu akuramo arenga 1.500.000 ku mwaka, yongeranya n'andi akura mu bindi bikorwa by'iterambere akarushaho gusirimuka.

Karekezi Stanislas w'imyaka 74 watangiye kuzica afite imyaka 20 gusa, ashimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame wabibnukije ko bangiza umutungo ubafitiye akamaro n'ibisekuru by'igihe kizaza.

Nyuma yo kureka iyo ngeso ashaje, uyu munsi na we yaretse kunywa inzoga yiteza imbere, ubu atuye mu nzu ifite agaciro ka miliyoni 5, yoroye inkwavu 30 n'imizinga y'inzuki 200.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kivu, Uwimana Pierre, yemeza ko ubu buzima bw'abaturage baretse guhiga inyamaswa no kwangiza Pariki y'Igihugu ya Nyungwe bwahingutse.

Ati: "Babonye ku nyungu zituruka ku bukererugendo kuko bubakiwe amashuri, bahabwa amazi meza, babona amashanyarazi n'ibindi. N'ubu bari kubakirwa umuhanda uzabafasha kugeza umusaruro w'icyayi ku ruganda bitavunanye."

Umuyobozi wungirije w'Ishami rishinzwe guhuza Pariki y'Igihugu ya Nyungwe n'abaturage Ndikuryayo Damien, avuga ko hari benshi bahinduye ubuzima babikesha akazi bahawe nyuma yo gusezerera ibikorwa byangizaga urusobe rw'ibinyabuzima.

Ati: "Inkongi z'imiriro twabaga duhanganye na zo mu mpeshyi zaragabanyutse cyane, n'abo twafatanaga inyama z'inyamaswa bishemo baragabanyutse cyane. Byerekana ko imyumvire yahindutse, ari umusaruro w'ubukangurambaga buhoraho abayituriye bakorerwa."

Mu bukangurambaga bw'uyu mwaka, yabasabye gukomeza kubungabunga Pariki y'Igihugu ya Nyungwe kuko iri mu mitungo mike Igihugu gifite yinjiza amadovize agera no ku bayituriye, ndetse ikaba inabaha umwuka mwiza, ari nah o bari isoko y'amazi ari hejuruya 70% by'akoreshwa mu Rwanda.



Kanani Callixte wari umaze kwica inyamaswa zisaga 6 000 yahinduye imibereho nyuma yo kubireka

# Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yasabye abaturiye Pariki gukomeza kuyibungabunga

NGABOYABAHIZI Protais

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yasabye abaturiye Parike y'Igihugu y'Ibirunga gukomeza kuyibungabunga, no kubyaza umusaruro ibikorwa remezo bagenda bagezwaho bikomoka ku nyungu iva mu bukerarugendo.***

Yabitangaje mu muhango ubaye ku nshuro ya 20 wo Kwita Izina abana b'ingagi 40, wabaye kuri uyu wa 05 Nzeri 2025, ashimira abaturage uruhare bagira mu gukomeza gusigasira ubusugire bwa Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, ariko nanone abasaba kongera ikibatsi mu kubyaza umusaruro iyi Pariki no kuyirinda

Yagize ati: "Muhore muzirikana ko izi ngagi ari umutungo w'agaciro kanini dufite kandi tugomba kubungabunga kandi ugenda utanga umusaruro, ni muri urwo rwego hari gahunda yo kwagura Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, tubasaba gukomeza kugira uruhare muri iyo gahunda kuko izafasha ungagi zacu gukomeza kubaho neza mu buryo burambye."

Umuyobozi wa RDB, Jean Guy Africa na we ashimangira ko iyo Pariki n'ibinyabuzima biyibamo bifashwe neza bigira inyungu ku gihugu ndetse n'abaturage, aho avuga ko inyungu ziva ku musaruro ukomoka kuri Pariki wahinduye imibereho yabo.

Yagize ati: "Inyungu ziva mu musaruro w'ubukerarugendo mu gihe cy'imyaka 20 ishize, 10% by'umusaruro wa Pariki ujya mu mishinga y'abaturage baturiye Pariki y'Igihugu, kugeza ubu imishinga ifite agaciro ka miliyari 18 z'amafaranga y'u Rwanda yubatse amashuri, amavuriro, amasoko n'inzu zo guturamo."

Yakomeje agira ati: "Ibi bikorwa rero bigabanya amakimbirane hagati y'abaturage na Pariki, ndetse n'ibinyabuzima bibamo bigakomeza kubaho neza, n'abahatuye bagatera imbere, ni yo mpamvu dukomeza gusaba abaturiye Pariki gukomeza gusigasira umutekano wayo."

Akomeza agira ati: "Muharanire kandi gukomeza kwakira neza abasura Parike yacu kuko nabo bagira uruhare mu kumenyekanisha uRwanda no guteza imbere ubukerarugendo muri rusange".

Abaturage bo bavuga ko kubungabunga Pariki byabazaniye inyungu kuko ngo byatumye basangira inyungu, kuruta uko ngo zikubirwaga n'abantu bamwe nk'uko Ngabitsinze wo mu Kagari ka Nyonirima, Umurenge wa Kinigi abivuga.

Yagize ati: "Kuva Pariki yatangira kubungabungwa twabonyemo inyungu cyane kuri twese. Hari ubwo bamwe bajyaga gukuramo imigano, bakagurisha, abandi bakajya guhigamo inyamanswa nk'impongo n'imbogo bakirira byumvikane ko inyungu zageraga kuri abo bose bafite imbaraga zo kujya kwangiza Pariki y'Igihugu y'Ibirunga."

Kuri ubu tubona inyungu zivamo zikaduha amazi, amashuri, amavuriro, amashanyarazi, ubu byabaye byiza cyane kubungabunga Pariki ni uguteganyiriza ejo heza h'u Rwanda."

Umwe mu bahoze ari ba rushimusi Karake Egide, yavuze ko ubwo babuzwaga kwangiza Pariki bumvaga ko bagiye kubateza ubukene, kandi ko inyungu bakuragamo zigiye kubura burundu ariko ngo ahubwo ni bwo yikubye kabiri.

Yagize ati: "Najyaga ntega inyamaswa ngacuruza impu zazo, nkarya inyama nkumva ntuje, ubundi hakaba ubwo najyaga gutema imigano nagurishaga mu mujyi wa Musanze numvaga ari ryo terambere ryanjye, ariko nyuma yaho RDB, ihisemo gukumira ba rushimusi twahawe amahugurwa dufashwa kwihangira umurimo, abandi tubonamo akazi ko gutwaza ba mukerarugemdo."

Yongeyeho ati: "Kuri ubu ntabwo nabura amadolari 300 ku kwezi mu gihe nicaga inyamaswa uruhu nkarugurisha amafaranga 1000 nkayanywera inzoga, ubu hari abanyabukorikori bahoze ari ba rushimusi bibumbiye mu makoperative, ibihangano byabo bigurwa na ba mukerarugendo."

Kugeza ubu abaturiye Parike y'ibirunga bavuga ko kuva batangira kubona 10% by'umusaruro ukomoka muri Pariki basezereye gukora ingendo bajya kwiga, kwivuza kure; no kujya gushaka amazi mu birunga.



Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin yasabye abaturiye Pariki Y'Igihugu y'Ibirunga gukomeza kuyibungabunga


Igishanga cya Kiryango kiri hagati y'Imirenge ya Mwendo na Kinihira kiri mu bizatunganywa

# Ruhango: Ibishanga bigiye gutunganywa, imyaka ntizongera gutwarwa n'imvura

UWIZEYIMANA Aimable

***Abahinzi bahinga mu bishanga birimo n'igishanga cya Kiryango bishimira ko bigiye gutunganywa kugira ngo bibafashe kuzamura umusaruro w'ubuhinzi.***

Mukamana Joseline umuhinzi wo mu gishanga cya Kiryango wo mu Murenge wa Mwendo, avuga yishimiye ko igishanga cya Kiryango bahingamo kigiye kongera gutunganywa, kuko mu gihe cy'imvura cyangizaga imyaka.

Ati: "Igishanga cya Kiryango duhingamo nishimiye ko bagiye kongera kugikora, kubera uburyo cyagiye cyangirika, usanga mu gihe cy'imvura cyangiza imyaka tuba twahinze, ku buryo nigikirwa bizadufasha kongera umusaruro watwarwaga n'imvura."

Bizimana Emmanuel wo mu Murenge wa Bweramana uhinga mu gishanga cya Base, na we avuga ko nk'abahinzi bishimiye ko igishanga cya Base bahingamo kigiye kongera gutunganywa ku buryo ibihombo baterwaga n'imvura yangiza imyaka bitazongera kubaho.

Ati: "Rwose nishimiye ko ubuyobozi bw'Akarere n'abandi bafatanyabikorwa, bagiye kudufasha gutunganya iki gishanga cya Base kuko kubera ko cyangiritse wasangaga mu gihe cy'imvura cyangiza imyaka yacu twabaga twarahinze, bikadutura mu gihombo".

Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Rusiribana Jean Marie Vianney, avuga ko koko hari ibishanga birimo n'icya Kiryango biri gukorerwa inyigo n'itsinda ry'inzobere kugira ngo bizatunganywe.

Ati: "Ni byo hari itsinda ry'inzobere ziri gukora inyigo yo gutunganya ibishanga bitandukanye, bikazatunganywa binyuze mu mushinga wa CDAT, mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'imvura cyangiza imyaka abahinzi bakagwa mu bihombo."

Ibishanga byatangiye gukorerwa inyigo n'Itsinda ry'inzobere mu gutunganya ibishanga, bikaba ari igishanga cya Nyirakiyange kiri mu Murenge wa Ruhango, igishanga cya Base kiri mu Murenge wa Bweramana n'igishanga cya Kiryango kiri hagati y'Imirenge ya Kinihira na Mwendo.





# Nyamasheke: Inkongi yibasiye inyubako 5 z'ubucuruzi n'ibyarimo birakongoka

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Muri santere y'ubucuruzi ya Murindi, mu Mudugudu wa Gikombe, Akagari ka Burimba, Umurenge wa Shangi mu Karere ka Nyamasheke, inyubako 5 z'ubucuruzi z'imiryango 11 zakongowe n'inkongi y'umuriro hatikiriramo ibicuruzwa by'amafaranga y'u Rwanda arenga 10 000 000.***

Ndinzumukiza Eric, umwe mu basizwe iheruheru n'iyo nkongi, avuga ko inyubako ye yahiye yari ifite agaciro k'arenga 12 000 000, yayicururizagamo butiki, hahiramo ibicuruzwa by'arenga 4 000 000, bikaba byaraturutse kuri kashi pawa yo ku ipoto yaturitse ubwo umuriro wagarukaga bigakongeza izo nzu.

Ati: "Twawutegereje tubona uratinze turakinga turitahira. Ugarutse mu ma saa yine z'ijoro twumva abazamu baduhamagara batubwira ko bumvise ikintu giturika, babona mu gikoni cy'inzu y'uwitwa Sayinzoga Modeste, ikorerwamo resitora ni ho umuriro utangiriye ufata n'inyubako zacu zose."

Avuga ko bahise batabara, hamwe n'abaturage bahaturiye, barazimya biba iby'ubusa na kizimyamoto ya polisi iza ntacyo ikiramira,inzu n'ibyari bizirimo byakongotse.

Avuga ko inzego zibishinzwe zatangiye iperereza bizeye kuza kubwirwa icyabiteye, basanga ari amashyanyarazi REG ikabariha.

Sayinzoga Modeste w'imyaka 74, yavuze ko yahishije inzu 2 z'imiryango 2, imwe yakorerwagamo resitora ari yo igikoni cyayo cyabanje gufatwa, indi yakoreragamo akabari, zifite agaciro ka 12.000.000 zombi, yazikuragaho amasaziro no gutunga umuryango we.

Ati: "Bazikodeshaga bakampa ayo ndihira abana n'abuzukuru amashuri arimo na kaminuza none nsigariye aho, nta kindi mfite ndebaho, cyane cyane ko nta n'ubwishingizi nagiraga."


Inzu 5 z'ubucuruzi zibasiwe n'inkongi, ibyarimo byose birakongoka

Ba nyir'inyubako n'abazikodeshaga bazikoreramo, bavuze ko inyigisho bibasigiye ari ukujya bishingira inyubako zabo z'ubucuruzi, n'abakoreramo bagafata ubwishingizi bw'ibyo bakora.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Shangi, Mukamusabyimana Marie Jeanne, yabwiye Imvaho Nshya ko izi nyubako koko zahiye umuriro wari wagiye ubwo wari ugarutse, iperereza ryatangiye ngo hamenyekane icyateye iyo nkongi.

Yagize ati: "Igihe tugitegereje icyo inzego zibishinzwe, ziri mu iperereza zitubwira, turihanganisha abagizweho ingaruka n'iyi nkongi bose, tukanaboneraho kongera gusaba abaturage kujya bashyira imitungo yabo mu bwishingizi."

Ku birebana no kuba abagizweho ingaruka n'iyo nkongi bafashwa yavuze ko hari uba afite ubundi bushobozi bwo kuba yahita yisanira, cyangwa yakodesha ahandi akongera agacuruza. Ku rundi ruhande, ubuyobozi bufite inshingano zo kuba hafi abaturage ni yo mpamvu y'iryo sesengura, buri wese akunganirwa bitewe n'ikibazo cye.

Hamaze iminsi humvikana inkongi z'umuriro mu Turere twa Rusizi na Nyamasheke, aho mu Karere ka Rusizi inyubako 3 zo guturamo zakongotse n'ibyarimo byose mu mpera z'ukwezi kwa Kanama n'itariki ya 1 Nzeri, zigashya nta bwishingizi zifite, abaturage bakavuga ko izo nkongi ari ikibazo gikomeje kubahangayikisha.

# Karongi: Abaturiye Urutare rwa Ndaba barahifuza iterambere

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage bo mu Karere ka Karongi, barasaba ko ku Rutare rwa Ndaba hashyirwa ibikorwa remezo birimo amateka y'urwo Rutare ndetse bakajya banabona akazi kabafasha gutunga imiryango yabo kuko habumbatiye amateka.***

Abo baturage bavuga ko ku Rutare rwa Ndaba hakunze kugera abantu bashaka kumenya amateka no kwirebera isumo ry'amazi, ariko hakaba imbogamizi z'uko batabona ababasobanurira mu buryo bw'umwihariko.

Uwase Jean Paul yagize ati: "Hano ku Rutare rwa Ndaba hakenewe hoteli nziza ndetse n'inzu irimo amateka y'Urutare. Iyo hoteli ihaje, bamwe twahabona akazi mu buryo buhoraho tukarubyaza umusaruro bikadufasha gutunga imiryango yacu. Turasaba ubuyobozi bwacu kubirebaho kuko birakenewe rwose".

Undi muturage witwa Hategekimana Aimable utuye mu Mudugudu wa Rusebeya, Akagari ka Gitwa mu Murenge wa Rubengera, yagize ati:"Twabanje gusaba ko muri iri shyamba hakongerwamo ibiti, ndetse tunasaba ko hakubakwa ibikorwa remezo bizakurura ba mukerarugendo benshi batubwira ko bazabikora ariko umwaka uri gushira tubona nta gikorwa."


Gutunganya hafi y'urutare rwa Ndaba byafasha mu iterambere ryabahatuye

Yakomeje agira ati: "Icyo tubona byafasha rero ni uko hari ubwo nka hano ku Rutare rwa Ndaba hahagarara umushyitsi ushaka kumenya amateka ariko icyo tubona ni uko ataha ntacyo amenye.

Hari akajagari kenshi, ariko hagiye inzu y'umwihariko yanashyirwamo ibyo ba mukerarugendo bajya bakenera, n'uwo muntu ubasobanurira neza amateka akanabatembereza, byaba ari byiza."

Nzabandora Sylvestre we yagize ati: "Njye nk'umuntu uturiye uru Rutare mbona hakenewe iterambere ryihariye risigasira amateka yarwo. Abana bahaba basobanura nabi amateka kandi ugasanga basa nabi ku buryo banafatwa nk'ibisambo ariko hakozwe neza hagashyirwa abantu basobanutse hano hagira umwihariko".

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi Muzungu Gerard yijeje abo baturage ko ibikorwa byo kubaka ibikorwa remezo kuri urwo Rutare biri gutegurwa kuko hari abafatanyabikorwa babisabye Akarere bagaragaza ko bifuza kugira icyo bahakorera bijyanye naho kandi ko biri gukorwaho.

Yagize ati: "Hari abashoramari bagaragaje ko bashaka kuhashyira ibikorwa birimo 'Coffee Shop' n'ubundi bucuruzi bujyanye na hariya kandi biri mu murongo mwiza ku buryo abaturage baho bashonje bahishiwe mu gihe byaba bitangiye gukorwa."

Urutare rwa Ndaba ruherereye mu Mudugudu wa Rusebeya, Akagari ka Gitwa, mu Murenge wa Rubengera, mu Karere ka Karongi, mu Ntara y'Uburengerazuba. Ni urutare rurerure rumanukaho umugezi na wo witwa Ndaba ufite isumo.

# Yemi Alade yashimishijwe n'urugwiro yagaragarijwe n'ingagi

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzikazi w'umunya-Nigeria Yemi Alade yahishuye ukuntu yishimiwe n'umuryago w'ingagi yasuye bikamutera kumva anyuzwe, na we akiyumvamo ikaze muri uwo muryango.***

Ni bimwe mu byo yagarutseho kuri uyu wa Gatanu tariki 05 Nzeri 2025, ubwo yari amaze kwita izina umwana w'ingagi yari yahisemo kwita.

Yemi yavuze ko yatunguwe kandi akanyurwa n'umuryango w'ingagi ya Siliver Back yasuye mu gitondo cy'itariki 04 Nzeri 205 ukamwakirana urugwiro.

Uyu muhanzikazi yavuze ko umwana w'ingagi yise izina yavutse mu muryango witwa Igisha avuka kuri nyina witwa Imbaga tariki 01 Gicurasi 2025. Umwana yamwise Kundwa kubera ko ari umukobwa w'imfura ya nyina kandi na we kuko ari imfura iwabo azi inshingano umukobwa w'imfura aba afite mu muryango.

Yagize ati: "Ejo hashize nagize amahirwe yo kwakirwa n'ingagi yitwa Gahinga, yaratwakiriye atwemerera kwicara tuzireba zisangira kandi zishimanye, byanyeretse urukundo ruba hagati y'umwana na nyina, nanyuzwe kandi n'uburyo abarinzi bazo bamaze amasaha menshi bashaka umuryango twasura mbere y'uko tuwubona."

[..] Mwarakoze cyane kubera ko urukundo mwahaye ingagi ni rwo rwatumye zitwemerera kutwakira mu muryango wazo nahigiye zimwe mu ndimi zazo byatumye niyumva nkaho ndi umwe muri uwo muryango."



Yemi Alade yanyunzwe n'urugwiro ingagi zamwakiranye

Uretse Yemi Alade umuhango wo kwita izina wanitabiriwe n'ibindi byamamare bitandukanye byaturutse hirya no hino barimo Michelle Yoeh uzwi muri filime z'imirwano aho yise umwana w'ingagi Rwogere, umuhanzikazi uvuka mu Burundi Khadja Nin, ariko akaba yarahisemo u Rwanda nk'igihugu yita mu rugo yise umwana w'ingagi 'Garuka', Sami Kakoma umwanditsi w'indirimbo w'umunyamerika ukomoka mu Rwanda na we yise izina umwana w'ingagi Iwacu wavutse 15 Gicurasi 2024.

Ni ku nshuro ya Gatatu Yemi Alade ageze mu Rwanda, aho ku nshuro ye ya mbere hari mu gitraramo cyo kurasa umwaka mu 2017, aza kugaruka mu Rwanda mu 2023 aho yari yitabiriye ibitaramo bya Trace Awards Festival byabereye muri BK Arena.

# Itsinda ry'ubusizi 'Urugera' ryiyemeje kongera uburyohe mu busizi



Itsinda Urugera rikora ubusizi bahagurukiye kongera uburyohe mu busizi

MUTETERAZINA Shifah

***Abasore bane bagize itsinda ry'ubusizi ryiswe 'Uregera' bavuga ko biyemeje kuba inkingi ya mwamba mu busizi bongeramo umunyu ari nayo mpamvu bahisemo kwitwa iryo zina.***

Ni itsinda rigizwe n'abarimo Niyomukiza Gildas, Dushime Polycarpe, Niyiduha Placide, Twayigize Alphonse bahisemo gufatanya ubusizi nk'itsinda kugira ngo barusheho kuzana impinduka mu busizi.

Niyomukiza Gildas uri no muri babiri batangije iryo tsinda yagize ati: "Igitekerezo cyavuye kuri babiri muri twe, njye na Dushime Polcarpe twari dusanzwe duhurira mu marushanwa y'ubusizi mu mashuri, tumaze kuva mu mashuri dusanga twibagiwe impano Imana yaduhaye, turahura turaganira ariko tugamije uburyo twabiha umurongo."

Yongeyeho ko muri ibyo biganiro ari bwo bungutse abandi babiri ari bo Placide na Alphonse, bibafasha gukora ubusizi mu buryo bushya bwagutse.

Ati: "Kimwe mu byo twifuzaga dukora itsinda, kwari ukuzana ibintu bishya, turavuga tuti nk'ubusizi bukiri kuzamuka turavuga tuti reka dukore ikintu gitandukanye ni ko kuza nk'itsinda, kandi dushingiye ko abashyize hamwe nta kibananira."

Yasobanuye impamvu bahisemo izina 'Urugera'

Ati: "Urugera rifite ibisobanuro byinshi, ubusanzwe urugera ni umunyu, hanyuma mu Kinyarwanda kimbitse urugera ni ukintu cy'intangarugero noneho mu busizi ho urugera ni uburyo ibisigo bivugwa mu buryo bwo kwikirizanya."

Yongeraho ati: "Twahisemo iryo zina kuko ibisigo byose tuzakora tuzajya tuba twikirizanya, ikindi ni uko twifuza kugira ikindi kintu tuzana mu busizi nk'uko ibiryo iyo bihiye bitarimo umunyu ubiriye wese yumva nta cyanga turashaka kuzana umunyu muri ubu busizi kandi tukifuza gukora ubusizi bushingiye ku bipimo by'ubusizi."

Ni itsinda rije ryiyongera ku ryitwa 'ibyanzu' byashinzwe na Rumaga akaba avuga ko kuba itsinda ryabo rije ritaje guhangana n'iryo risanzwe ahubwo ari uburyo bwo guhuza imbaraga ngo ubusizi nyarwanda burusheho kwaguka no kuryohera abakunzi babwo.

Kugeza ubu Itsinda Urugera bamaze kugira ibisigo bitandukanye birimo umuratanzara, Gute, Imbyino ya nyuma, Nyishyura nishyure n'ibindi.







Icyizere cyo kujya mu Gikombe cy'Isi ku ikipe y'Igihugu Amavubi cyatangiye kugabanyuka

# Amavubi yatsinzwe na Nigeria icyizere cyo kujya mu Gikombe cy'Isi gitangira kugabanyuka

SHEMA Ivan

***Ikipe y'igihugu ''Amavubi'' yatsinzwe na Super Eagles ya Nigeria igitego 1-0 mu mukino w'umunsi wa karindwi wo mu itsinda C mu gushaka itike y'igikombe cy'Isi cya 2026.***

Uyu mukino wabereye ku kibuga cya Godswill Akpabio International Stadium kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 6 Nzeri 2025.

Umukino watangiye utuje amakipe yombi yigana bityo n'uburyo bw'ibitego bukaba buke. Ku munota wa 33, rutahizamu Victor Osimhen yagize imvune asohoka mu kibuga asimburwa na Cyriel Dessers.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya ubusa ku busa.

Mu gice cya kabiri, Nigeria yatangiranye impinduka Tolu Arokodare yinjiye mu kibuga asimbura Frank's Onyeka.

Ku munota wa 51, Nigeria yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Tolu Arokodare.

Ku munota wa 54, umutoza w'Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda, Adel Amrouche yakoze impinduka, Omborenga Fitina asimburwa na Kwizera Jojea.

Nigeria yasatiraga cyane, Tolu yateye ishoti rikomeye umunyezamu Ntwari Fiacre arikuramo, umupira usanga Moses Simon asongamo Kavita Phanuel araryama awukuramo.

Mu minota 70, Amavubi yatangiye gutinyuka gukina ari nako agerageza kugera imbere y'izamu rya Stanley Nwabali ariko ikayabera ibamba.

Amavubi yakomeje gukora impinduka, ku munota wa 77 Nshuti Innocent aha umwanya Biramahire Abbedy.

Mu minota 80, umukino watuje Nigeria iharira Amavubi umupira ariko ikugarira neza ku buryo nta gikomeye yawukoreshaga.

Umukino warangiye Nigeria yatsinze u Rwanda igitego 1-0. Ifata umwanya wa gatatu n'amanota 10, u Rwanda rujya ku mwanya wa kane n'amanota umunani.

Ni mu gihe Afurika y'Epfo ya mbere ifite amanota 16, ikurikiwe na Benin ifite 11. Lesotho ya gatanu ifite amanota atandatu na Zimbabwe ya nyuma ifite ane.

U Rwanda ruzagaruka mu kibuga ku wa Kabiri tariki ya 9 Nzeri 2025 rwakirwa na Zimbabwe muri Afurika y'Epfo mu gihe Nigeria izakirwa na Afurika y'Epfo.

# REG WBBC yegukanye Igikombe cya Shampiyona ku nshuro ya 2 yikurikiranya

SHEMA Ivan

***REG WBBC yegukanye Igikombe cya Shampiyona ya Basketball ku nshuro ya kabiri yikurikiranya, nyuma yo gutsinda Kepler WBBC amanota 54-51 mu mukino wa karindwi mu ya nyuma ya Kamarampaka muri Shampiyona ya Basketball mu Bagore.***

Uyu mukino wabaye mu ijoro ryo ku wa Gatandatu tariki ya 6 Nzeri 2025, muri Petit Stade i Kigali.

Wari umukino ukomeye hagati y'impande zombi kuko amakipe yombi yanganyaga intsinzi eshatu, buri kipe yasabwaga gutsinda ikegukana igikombe cya shampiyona.

REG WBBC yatangiye umukino neza itsinda amanota menshi, agace ka mbere karangira iyoboye n'amanota 14-10.

Ikipe ya Kaminuza ya Kepler yagurukanye imbaraga mu gice cya kabiri itangira kugabanya ikinyuranyo binyuze muri Nelly Sandra Nsanzabaganwa ndetse mu minota itatu ya mbere banganya amanota 17-17.

Mu minota ya nyuma, Kristina King na Tetero Odile batsindiye REG amanota yayifashije gusoza igice cya mbere iyoboye umukino n'amanota 27 kuri 25 ya Kepler WBBC.

Ikipe y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ingufu yakomeje gukina neza mu gace ka gatatu, abarimo Odile Tetero na Byukusenge Gloriose batsinda amanota ikinyuranyo kiba 31-25.

Kepler yikubise agashyi itangira kugabanya ikinyuranyo binyuze muri Young Desi-Rae Yvonne watsindaga cyane ndetse banganya 33-33.

Aka gace karangiye Kepler WBBC yigaranzuye REG WBBC iyobora n'amanota 37-35.

Mu gace ka nyuma, umukino warushijeho kwegerana cyane kuko ikinyuranyo kitarengaga amanota atatu.

Umukino warangiye REG WBBC itsinze Kepler WBBC amanota 54-51, yegukana igikombe cya Shampiyona y'Icyiciro cya mbere mu bagore ku nshuro ya kabiri yikurikiranya, bikaba ari inshuro ya 4 (2021, 2022, 2024 na 2025).

Maiga Kadidia wa REG WBBC yabaye umukinnyi wahize abandi mu mikino ya kamarampaka (MVP) aho yatsinze amanota 342 akora Rebounds 239 ndetse n'uw'imikino ya kamarampaka, ahabwa miliyoni 2 z'amafaranga y'u Rwanda.

Kamba Diakte wa APR WBBC yabaye umukinnyi watsinze amanota atatu menshi (61).

Umugwaneza Charlotte wa APR WBBC yabaye myugariro mwiza wa shampiyona, Uwimpuhwe Henriette wa Kepler WBBC yabaye umukinnyi watsinze amanota menshi muri Shampiyona yose (476).

Cyuzuzo Rebecca wa The Hoops yabaye umukinnyi wazamuye urwego kurusha abandi.

Luis Lopez Hernandez utoza Kepler WBBC Rwaza ni we wabaye umutoza w'umwaka.




Uwimpuhwe Henriette yabaye umukinnyi watsinze amanota menshi muri shampiyona



REG WBBC ku nshuro ya Kabiri yikurikiranya, kiba icya Kane mu mateka yayo

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-29 TARIKI 2 - 8 NZERI 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Giancarlo Davite yegukanye irushanwa rya Nyirangarama Sprint Rally 2025



Giancarlo Dvite yongeye gutwara Nyirangarama Rally yanatwaye iba ku nshuro ya mbere mu 2019

**SHEMA Ivan**

***Gincarlo Davite wafatanyije na Giancarlo Matteo muri Mitsubishi Evo X, yegukanye Isiganwa ryo mu modoka rya "Nyirangarama Sprint Rally 2025" ryakiniwe mu mihanda yo mu Karere ka Rulindo ku wa Gatandatu, tariki ya 6 Nzeri 2025.***

Ni isiganwa ryari rigizwe n'uduce turindwi aho kuba icyenda nkuko byari byatangajwe dufite intera y'ibilometero 72.2, abasiganwa banyuze mu mihanda ya Gashenyi, Tare na Karambo yo mu Karere ka Rulindo mu Ntara y'Amajyaruguru.



Umuraperi Ish Kevin umaze kumenyerwa mu mukino wo gusiganwa mu modoka yari yitabiriye

Iri siganwa ryakinwaga ku nshuro yaryo ya kane, ritegurwa n'Ishyirahamwe ry'Umukino wo Gusiganwa mu Modoka mu Rwanda (Rwanda Automobile Club- RAC), ku bufatanye na Entreprise Urwibutso ya Sina Gérard.

Imodoka 9 ni zo zitabiriye isiganwa mu gihe hari hiyandikishije 10, zose z'abashoferi bo mu Rwanda.

Agace ka gatatu kakiniwe ku Musozi wa Tare kasize Peugeot yari itwawe na Hakizimana Jacques na Semana Ish Kevin ivuyemo, naho Subaru Impreza yari itwawe na Gakwaya Eric na Kayibanda Aurore ndetse n'iya Murengezi Brian na Niwemugore, zombi ziviramo mu gace ka kane i Karambo.

Muri rusange imodoka eshanu ni zo zabashije gusoza isiganwa, iyakoresheje ibihe byiza ni Gincarlo Davite na Giancarlo Matteo muri Mitsubishi Evo X aho bakoresheje iminota 45 n'amasegonda 52, bakurikwe na Kanangire Christian na Mujiji Kevin muri Subaru Impreza aho bakoresheje iminota 57 n'amasegonda icyenda aho basizwe n'aba mbere iminota 11 n'amasegonda 37.



Iyi ni imwe mu modoka zasiganwaga

Iyi kipe kandi yaje guhanwa iminota itandatu kubera dutinda guhaguruka ubwo hakinwaga agace ka mbere kahagurukiye mu muhanda wa Gashenyi berekeza mu muhanda wa Tare.

Umwanya wa gatatu wegukanywe na Yoto Fabrice na Tuyishime Régis muri Subaru Impreza aho bakoresheje iminota 59 n'amasegonda ane.

Kalimpinya Queen na Ngabo Olivier, na bo bari batwaye Subaru Impreza, babaye aba kane bakoresheje isaha, iminota itatu n'amasegonda 34, ku mwanya wa gatanu hasoreza Rutabingwa Gratien na Munyaneza Irene bakoresheje isaha, iminota umunani n'amasegonda 39 muri Peugeot.

Shampiyona y'umukino wo gusiganwa mu modoka mu Rwanda izakomeza hakinwa Huye Rally itegaganyijwe hagati y'itariki ya 21 na 24 Ukwakira 2025.